# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-17 | TARIKI 10 - 16 KAMENA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw


Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31


AMAKURU
Kwibuka ni uguhora twikebura mu madini yacu - Antoine Karidinali Kambanda 2

AMAKURU
U Rwanda rwasabye Loni ko inyandiko za ICTR zashyingurwa i Kigali 7

MU NTARA
Kayonza: Barinubira kugemura amata kubishyura bigatinda 21

SIPORO
BAL 2025: APR BBC yegukanye umwanya wa gatatu ku nshuro ya mbere 27










# U Rwanda rurasaba Afurika kongera abashakashatsi mu kurwanya indwara



**Abasaga 1 600 bateraniye i Kigali mu Nama yo guteza imbere urwego rw'ubuzima muri Afurika**

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yifuza ko uruhare rw'abashakashatsi mu kurwanya indwara muri Afurika rwava kuri 3% ruriho ubu rukagera kuri 50% kugira ngo batange umusaruro ufatika w'ibisubizo by'ibibazo by'ubuzima biboneka kuri uyu Mugabane.***

Minisitiri w'Ubuzima mu Rwanda, Dr Nsanzimana Sabin, asanga hakenewe ubufatanye bw'abashakashatsi mu rwego rw'ubuzima ku Isi kugira ngo uruhare rwabo rwo mu kurwanya indwara muri Afurika ruzamuke.

Yabigarutseho mu Nama ya 12 yiga ku bufatanye mu bushakashatsi ku buzima, EDCTP Forum, igamije kugaragaza no kungurana ibitekerezo ku bushakashatsi bugezweho bugamije guhangana n'indwara ziterwa n'ubukene ndetse n'izititabwaho uko bikwiye muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara.

Ni inama yatangiriye i Kigali ku Cyumweru tariki ya 15 Kamena ikazasozwa ku wa 20 Kamena 2025, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ubuzima bwiza binyuze mu bufatanye mpuzamahanga mu bushakashatsi."

KOMEZA KU RUP.3

## U Rwanda na Tanzania byiyemeje gukemura ibibazo byo ku mupaka

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Tanzania byatangiye urugendo rwo kurushaho kongerera imbaraga umutekano wo ku mupaka ibihugu byombi bisangiye, mu rwego rwo kwimakaza amahoro n'umutekano hirindwa ibyaha n'ibindi byaha byambukiranya imipaka.***

KOMEZA KU RUP.3

## Abiga muri UR banyereje mudasobwa bashobora kwamburwa buruse



INKURU KU URUP.2

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Kwibuka ni uguhora twikebura mu madini yacu - Antoine Karidinali Kambanda

**KAYITARE Jean Paul**

*Umushumba wa Arikidiyosezi ya Kigali, Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda akaba n'Umuvugizi w'Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda, Antoine Karidinali Kambanda, yavuze ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ari uguhora bikebura mu madini yabo bityo ngo ubuyobe ntibuzongere kubaho.*

Antoine Karidinali Kambanda yabigarutseho mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abari abakozi b'Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda.

Mu bibukwa bari abakozi b'Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda, harimo Pasteur Alphonse Nkurunziza, Pasteur Amon Iyamuremye, Karangwa Gitoko Thomas na Kanamugire Théogène.

Mu butumwa bwe, yagize ati: ''Kwibuka ni uguhora twikebura mu madini yacu kugira ngo ubwo buyobe butazongera tukaba abavandimwe."

Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda wihanganishije imiryango y'abari abakozi bibutse ku wa Gatatu tariki 11 Kamena 2025.

Karidinali Kambanda agira ati: ''Iyo twibuka ni igihe tuzirikana abacu bavukijwe ubuzima twari tukibakeneye, Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 turabifuriza gukomera muri ibi bihe bitoroshye kuko ubitekereje birenze ubushobozi bwa muntu."

Akomeza agira ati: ''Iyo dutekereje imibare y'abishwe muri Jenoside n'ibikorwa by'abakoze Jenoside, twumva ari ikintu kibabaje cyane imbere y'Imana giteye agahinda."

Mu butumwa bwe, akomeza avuga ko ibyabaye bitazongera kuba kuko abantu babonye ijambo ry'Imana.

Ati: "Ubu rero twavuye mu mwijima, twabonye ijambo ry'Imana ibyabaye ntibizongera kubaho."

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo, Bernard Bayasese yasabye urubyiruko kugira uruhare rukomeye mu kubaka igihugu no kumenya amateka yakiranze kugira ngo ibyaranze amateka yaganishije kuri Jenoside yakorewe Abatutsi atazongera.

Yakomeje agira ati: "Ntabwo twabura kugaya abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakica bagenzi babo, turasaba ababyeyi bagifite ingengabitekerezo ya Jenoside guceceka bakayigumana, aho kuyishyira mu bana kuko aribo baragwa igihugu cyacu."

Augustin Kayiranga wavukiye mu Murenge wa Kacyiru mu yahoze ari Komine Nyarugenge, yavuze ku mateka ashariiye y'inzira y'umusaraba yanyuzemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ashimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yabafashije, uyu munsi abarokotse Jenoside bakaba barabashije kwiyubaka.

Yagize ati: "Ubu mfite umugore n'abana 5 kandi barize biga neza uyu munsi bamwe bafite akazi."

Claude Runihangabo watanze ikiganiro yasabye abakirisitu gufatanya mu guhindura imyumvire no kurwanirira igihugu.

Yagize ati: "Ndabakangurira nk'Abanyarwanda kandi nk'abakiristu ko dusangiye gupfa no gukira, turi Abanyarwanda, dufatanye kurwana urugamba kugira ngo imyumvire ikomeze ihinduke bityo igihugu cyacu dukomeze kukirwanirira, turusheho guhangana n'ingaruka z'amateka y'igihugu cyacu."




**Umushumba wa Arikidiyoseze ya Kigali, Antoine Karidinali Kambanda yibukije ko abanyamadini n'amatorero bakwikebuka**



**Abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda (UR) bahabwa imashini bakazigurisha bazajya bahanishwa kwamburwa buruse**

# Abiga muri UR banyereje mudasobwa bashobora kwamburwa buruse

**KAMALIZA Agnes**

***Abanyeshuri ba Kaminuza y'u Rwanda (UR) bahawe mudasobwa binyuze muri gahunda ya Leta yo guteza imbere ikoranabuhanga mu burezi, ubundi bakazigurisha bazajya bahanishwa kwamburwa amafaranga y'ishuri y'inkunga ya Leta azwi nka 'buruse', ntibasohoke no ku rutonde rw'abarangije kwiga kugeza bishyuye.***

Inyandiko ikubiyemo ibibazo bikunze kubazwa (FAQs) kuri gahunda ya 'Laptop Acquisition Scheme', yashyizweho na Guverinoma y'u Rwanda, Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (BRD) na Kaminuza y'u Rwanda igaragaza ko hazajya haba igenzura ryazo mu mashami yose ya kaminuza uyibuze ahanwe.

Ni igenzura rizajya rikorwa no mu gihe abanyeshuri bitegura gusoza amasomo yabo kugira ngo harebwe niba mudasobwa bahawe zigihari kandi zikora neza.

Abanyeshuri bazananirwa kugaragaza aho mudasobwa zabo zagiye, bazahagarikirwa buruse kugeza bishyuye agaciro kose ka mudasobwa ndetse bongereho n'inyungu nkuko bikubiye muri iyo nyandiko.

Uzananirwa gusobanura aho yayishyize no kwishyura ikiguzi cyayo cyose azakurwa ku rutonde rw'abemerewe kurangiza amashuri (Removal from the Graduation list) kugeza igihe azaba ayishyuye.

Ubuyobozi bwa Kaminuza y'u Rwanda bugaragaza ko muri mudasobwa ibihumbi 18 zatanzwe mu mwaka w'amashuri ushize, hafi 1 000 zagurishijwe n'abanyeshuri.

Ku wa 10 Kamena 2025, ubwo Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatanganga mudasobwa ku banyeshuri bo mu mwaka wa mbere muri Kaminuza y'u Rwanda (UR), Ishami rya Huye, yasabye abanyeshuri kuzikoresha mu buryo buboneye zikabafasha mu myigire yabo.

Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC Irere Claudette, yibukije abo banyeshuri ko izo mudasobwa ari inguzanyo bagomba kwishyura bityo bakwiye kwirinda kuzigurisha.

Yagize ati: "Izi mudasobwa ni inguzanyo si impano, kandi inguzanyo irishyurwa. Biri mu nshingano zanyu kuzikoresha neza, mukirinda kuzigurisha."

Muri Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye hatanzwe mudasobwa 2 984 mu gihe biteganyijwe ko hazatangwa izirenga 6 000 mu gihugu hose.





# U Rwanda rurasaba Afurika kongera abashakashatsi mu kurwanya indwara

IBIKURIKIRA URUP.1

Dr Nsanzimana yagize ati: "25% by'indwara zo ku Isi ziboneka mu gice cya Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara kandi 20% by'abaturage b'Isi ni abo ku mugabane w'Afurika. Ibijyanye n'ubushakashatsi n'igerageza dukora ku bijyanye n'inkingo turacyari kuri 3% kuri uyu Mugabane."

Yakomeje agira ati: "Rero mu gihe tuvuga ubufatanye mu bushakashatsi no gukemura ibibazo by'indwara duhereye mu mizi, dukeneye gutoza abato guhera ku ntambwe ya mbere y'ubushakashatsi bityo bikaba byadufasha kuziba ibyo byuho bitagaragara gusa kuri uyu Mugabane ahubwo no ku Isi yose."

Yavuze ko indwara zitagira imipaka kuko zishobora kwaduka ahantu mu masaha 6 hagashira iminsi 2 zamaze gukwira ku Isi hose.

Ati: "Turagendagenda henshi, dukwiye gufatanya gukorana mu by'ubushakashatsi mu buvuzi, mu by'imiti, mu kwagura urwego rwo guhangana n'indwara byihuse, duha agaciro gushora imari mu gushyigikira abantu, twubaka ibikorwa remezo n'ibitaro. Wenda turebe uko dushobora kuva kuri 3% mu bufatanye mu bukashatsi tugere kuri 20%. Kuki se tutanagera no kuri 50% mu guhangana n'indwara ku Isi."

Dr Nsanzimana yongeyeho ko u Rwanda rwiyemeje gutanga umusanzu warwo mu nzego zitandukanye hagamijwe guharanira ko ibisubizo by'ibibazo byugarije Isi bishobora kuva aho ari ho hose.

Yagize ati: "Dufite urubyiruko rufite impano rushobora kuvumbura urukingo rushya ejo hazaza, hano mu Rwanda. Umuti mushya udahari wo kuvura kanseri ushobora kuvumburwa i Lagos, i Djibouti, muri Maleziya, cyangwa ahandi ku Isi hose.

Dukeneye gusa gushyigikira uru rubyiruko, kurutoza neza, no gushyiraho inzego n'amabwiriza abafasha gukora neza."

Henning Gädeke, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi y'Ihuriro ry'abakora mu rwego rw'ubuzima ku Isi (EDCTP Association) akaba anayobora Inama Mpuzamahanga y'Ubutegetsi y'Umushinga w'Ubufatanye ku Buzima (Global Health) yateguye iyo nama, yavuze ko iyi nama ibaye mu gihe nyacyo cyo kugaragaza impamvu ubushakashatsi ku buzima bw'Isi bukwiye guhabwa umwanya ukomeye.

Yagize ati: "Iyi gahunda ituma ibihugu by'i Burayi n'ibyo muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara bishobora gufatanya gutanga inkunga. Hari kandi amahirwe yo gukorana n'imiryango nterankunga ndetse n'inganda mu gutanga inkunga y'amafaranga. Uko ni ko imbaraga zihuza mu nyungu rusange. Ibi bisaba inkunga ya politiki yo ku rwego rwo hejuru ishoboka."

Iyo nama y'iminsi 6, ihuje abasaga 1 600 bahagarariye ibigo by'ubushakashatsi na za kaminuza, abashakashatsi, abatanga serivisi z'ubuvuzi, abayobozi mu nzego za Leta, imiryango y'Akarere, inzego z'ubugenzuzi mu buzima, sosiyete sivile, n'abafatanyabikorwa mu bushakashatsi n'iterambere ba Leta n'abikorera bigira hamwe guteza imbere ubufatanye mu bushakashatsi bwateza imbere urwego rw'ubuzima muri Afurika.

Kugeza ubu, 99% by'inkingo Afurika ikoresha zituruka hanze yayo, mu gihe 1% ari zo zihakorerwa, bikaba byitezwe ko zizarushaho kuzamurwa n'inganda nshya zubakwa mu bihugu birimo n'u Rwanda.

# U Rwanda na Tanzania byiyemeje gukemura ibibazo byo ku mupaka

IBIKURIKIRA URUP.1

Ku wa Gatanu tariki ya 13 Kamena, ni bwo intumwa z'u Rwanda n'iza Tanzania zahuriye i Ngara mu Ntara ya Kagera, basinye ku nyandikomvugo ibanziriza amasezerano ashimangira ubufatanye bw'ibihugu byombi mu kwimakaza umutekano wo ku mipaka uhuriweho n'ibihugu byombi.

Ni intambwe itewe mu gushyira mu bikorwa amabwiriza y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) asaba ibihugu bihuriye muri uyu Muryango kongerera imbaraga imipaka mpuzamahanga yabyo bitarenze mu 2027, mu rwego rwo kurushaho kwimakaza amahoro, umutekano no kwihuza kw'Afurika.

Umupaka w'u Rwanda na Tanzania ufite ibilometero bigera kuri 230, ariko abantu bajya mu bihugu byombi banyuze mu nzira zemewe bakunze kunyura ku mupaka wa Rusumo uherereye mu Karere ka Ngara ka Tanzania gahana imbibi n'aka Kirehe ku ruhande rw'u Rwanda.



**Ibihugu byombi byasinye amasezerano agamije kwimakaza ubutwererane bushingiye ku mipaka**

Amasezerano y'ibanze yasinywe n'abahagarariye amatsinda y'impuguke mu kugenzura imipaka baturutse mu bihugu byombi yiswe inyandikomvugo yemeranyijweho, akaba ari intangiriro yo gusinya amasezerano ya burundu agena ubutwererane bushingiye ku mipaka mu gihe kiri imbere.

Ku ruhande rw'u Rwanda, amasezerano y'ibanze yasinyweho na Abel Buhungu, uhagarariye inyugu z'u Rwanda muri Sudani, mu gihe Tanzania yasinyiwe na Hamdouny Mansour, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubushakashatsi muri Minisiteri y'Ubutaka, Imiturire n'Iterambere ry'imiturire ya Muntu.

Hamdouny Mansour yagize ati: "Iyi ni intambwe ishimishije itewe mu mubano w'u Rwanda na Tanzania. Dufite icyizere ko impande zombi zizashyira mu bikorwa imyanzuro yemeranyijweho."

Yakomeje ashima iterambere ry'umubano w'ibihugu byombi ashimangira ko imyanzuro yemeranyijweho nishyirwa mu bikorwa bizarushaho gufungura andi mahirwe y'imikoranire izira amakemwa y'ibihugu byombi.

Amb. Abel Buhungu na we yashimiye ubuyobozi bwa Tanzania bwababakiranye urugwiro, ashimangira ko ubufatanye bw'ahazaza butanga icyizere.

Ati: "Twiteguye kurushaho kubona umusaruro mwiza w'ubufatanye bwacu ndetse ukazaba ugaragarira mu bifatika."

Amatsinda yombi yafashe umwanya wo kugenzurira hamwe ibice by'ingenzi bigize umupaka w'u Rwanda na Tanzania kuva ahitwa Mafiga Matatu (Kasange) ari na ho Uruzi rw'Akagera ruhurira n'urwa Mwidu, basoreza ku Mupaka munini wa Rusumo aho uruzi rw'Akagera uhurira n'urwa Ruvuvu (Ruvubu).

Ubwo bugenzuzi bwibanze ku kureba imiterere y'umupaka, kongera gusuzuma urugendo rwo kuwugaragaza ndetse no gusuzuma ibikorwa by'abaturage biri ku mupaka.

U Rwanda na Tanzania si ubwa mbere bihuye biganira ku kurushaho kwimakaza ubutwererane bushingiye ku mipaka, kuko n'ingabo z'ibihugu byombi zijya zihurira mu bikorwa bigamije kwimakaza amahoro n'umutekano.

Mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi uyu mwaka, abayobozi b'Ingabo mu Ntara zihana imbibi bahuriye mu Karere ka Nyagatare baganira ku mbogamizi z'umutekano wo ku mupaka ndetse no kurushaho kwimakaza ubutwererane nyambukamipaka.

# BNR yatahuye dosiye 863 z'abishyuza mu madovize batabyemerewe

ZIGAMA Theoneste

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yatangaje ko imaze gutahura amasezerano y'ubwishyu 863 y'ibigo byishyuza abakiliya amafaranga y'amahanga (Amadovize), mu buryo bunyuranyije n'amategeko.***

Ubuyobozi bwa BNR bwavuze ko muri ayo masezerano asaga 290 ashingiye ku bukode bw'inzu z'ubucuruzi.

BNR yasobanuye ko gushyira agaciro mu madovize ari uburyo kompanyi y'ubucuruzi igena agaciro mu mafaranga y'amahanga ubigurisha azahabwa nk'ubwishyu ku bicuruzwa cyangwa serivisi.

Ibyo bikorwa mu buryo bune burimo kwerekana uburyo bwo kwishyura mu madovize, mu kwamamaza bishyizwe mu madevize, kugena ibiciro mu madovize, kumenyesha umukiriya amafaranga azishyura mu nyandiko cyangwa mu magambo, hagaragaza igiciro mu nyemezabwishyu no mu mesezerano cyangwa inyemezabwishyu iri mu madevize.

Muhoza Theogene, Umuyobozi w'agashami gashinzwe kugenzura isoko ry'ivunjisha n'ikoreshwa ry'amadovize muri BNR, yabwiye RBA ati: "Iyo winjiye muri ibi ngibi ububa winjiye mu byo amabwiriza abuza byo gushyiraho ibiciro mu madevize."

Yunzemo ati: "Ugasanga inzu ndayikodesha nkabwira uyikodesha ngo uzayishyura mu madolari, cyangwa se nkashyiraho amasezerano, havuga ngo uzanyishyura mu Manyarwanda hagendewe ku giciro cy'idolari rigezeho, ibyo na byo ntibyemewe."

Tariki ya 30 Gicurasi 2025, BNR yatangaje amabwiriza mashya y'imikoreshereze y'amadevize mu gihugu arimo ibihano biremereye ariko akanemerera abishyura cyangwa bishyuza ibyatumijwe hanze cyangwa ibyoherejweyo kubikora mu madevize.


BNR yatahuye abishyuza mu madovize kandi batabyemerewe

Muhoza ati: "Tujya gusohora rero aya mabwiriza twari tumaze kubona ikibazo gihari, kigira ingaruka kuri rya soko ry'ivunjisha. Mu bushakashatsi BNR yakoze mu bihe bishize yabonye amasezerano (Contract) agera kuri 863, kenshi akozwe mu masezerano y'ubukode bw'inzu z'ubucuruzi. Muri ayo 294 asaba abayakoze ko bagomba kwishyura mu madovize."

Ni ubushakashatsi bwokorewe mu Mijyi ya Kigali, Rubavu, Musanze na Rusizi.

Ingaruka zo gukoresha amadovize bitamewe n'amategeko Banki Nkuru y'u Rwanda yatangaje ko mu gihe hari abantu bakoresheje amadovize mu buryo butemewe bituma abura ku isoko bityo bikadindiza ubukungu bw'Igihugu.

Muhoza ati: "Niba yari ahari ari makeya, birazamura igiciro, kuko abakeneye ibintu babaye benshi kurusha ibihari, birazamura igiciro. Ibyo rero bituma ya madovize agira agaciro kanini, bikitwa ko yabuze ku isoko ariko si ukubura gutyo ahubwo yari ahari ariko abayakeneye babaye benshi harimo n'abayakeneye mu bitari ngombwa."

## Ni bande bemerewe kwishyuza mu Madovize?

Banki Nkuru y'u Rwanda isobanura ko abantu bemerewe kwishyuza mu mafaranga y'amanyamahanga harimo za hoteli, ibigo byakira cyangwa bitwara ba mukerarugendo n'ibintu bya byabo, abafite kompanyi za kasino n'ibigo byashoye imari mu burezi bifite ibigo byigamo abanyamanyahanga n'amaduka adasora (akorera ku biga by'indege).

Icyakora, BNR ishimangira ko na bwo uwemerewe kwishyura mu madovize abyemerewe ku banyamahanga gusa bamusaba serivisi ariko Abanyarwanda n'abaturarwanda bo ategetswe kubishyuza mu mafaranga y'u Rwanda.

Mugabe Godfred, Umuyobozi w'agashami gishinzwe amategeko y'urwego rw'Imari muri BNR, yagize ati: "Niba ari sisiyete yahawe uruhushya n'urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RGB), yariyemeje gukora ibijyanye no korohereza Abanyamahanga kuba bareba ibyiza by'u Rwanda, na yo yemerewe kugena ibiciro byo kwakira amadovize."

## Ibihano ku bakoresha amadevize mu buryo butemewe

Amabwiriza mashya ya BNR, yashyizwe hanze ku wa 30 Gicurasi 2025 yongerewemo ingingo ivuga ko "kwishyuza cyangwa kwishyura mu madevize ibicuruzwa cyangwa serivisi byatanzwe cyangwa byatumijwe hanze y'Igihugu biremewe."

Ingingo ya 34 y'amabwiriza ya BNR igaragaza ko umuntu ushyiraho igiciro mu madevize bitewe n'amategeko iyo ari ku nshuro ya mbere ahanishwa ihazabu ya miliyoni 5 Frw byaba ubwa kabiri agahanishwa miliyoni 10 Frw.

Iyo umuntu akoze ibikorwa by'ubucuruzi mu madevize ahanishwa kwishyura 50% by'ayakoreshejwe muri icyo gikorwa, ku nshuro ya mbere; cyangwa akishyura 100% by'ayakoreshejwe muri icyo gikorwa, ku nshuro ya kabiri kuzamura.

BNR ishimangira ko ibihano byishyurwa mu mafaranga y'u Rwanda hakoreshejwe ikigereranyo cy'ivunjisha ryo ku munsi igihano cyafatiweho.

Iyi ngingo isobanura ko "umuntu wese ukoze icyamunara cy'amadovize cyangwa undi wese wabigizemo uruhare, aba akoze ikosa. Banki Nkuru y'u Rwanda iyo ibimenye, imuhanisha igihano cy'amafaranga angana na 50% by'ayakoreshejwe mu cyamunara."

Icyamunara cy'amadevize ni ipiganwa mu igurisha n'igura ry'amadovize rikozwe mu buryo butaziguye cyangwa buziguye rikozwe n'uwo ari we wese agamije kugurisha ku igipimo cy'ivunjisha cyo hejuru cyangwa kugura ku gipimo cy'ivunjisha cyo hasi.

Umuntu utishyuye amafaranga y'igihano kuri konti yahawe na Banki Nkuru mu minsi 15 uhereye ku munsi yamenyeshejweho igihano, ashyikirizwa Ibiro by'amakuru ku myenda (CRB) kandi agahanishwa 1% ry'amafaranga y'igihano buri munsi w'ubukererwe kugeza igihe yishyuye amafaranga yose.

Ingingo ya 37, iha buri wese inshingano zo kumenyesha Banki Nkuru y'u Rwanda amakuru azi cyangwa yamenyeshejwe yerekeye ibikorwa byo kuvunja amadevize mu buryo butemewe.





# Abakoresha internet mu Rwanda bageze kuri miliyoni 5.5

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu gihe u Rwanda rukomeje kongera serivisi zifashisha ikoranabuhanga no gushora imari mu bikorwa remezo by'ikoranabuhanga, kuri ubu mu gihugu hose harabarurwa abasaga miliyoni 5,5 bakoresha internet.***

Urwego rw'itumanaho rikoresha telefoni rufite uruhare rukomeye muri iri terambere aho abakoresha telefoni bageze kuri miliyoni 13,48 muri Nzeri 2024 bavuye kuri miliyoni 12,5 babarurwaga mu mwaka wabanje.

Esther Kunda, Umuyobozi Mukuru w'Ishami rishinzwe Guhanga Ibishya n'Ikiranabuhanga Rigezweho muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, yavuze ko u Rwanda ruri mu murongo mwiza mu birebana n'iterambere ry'ikoranabuhanga.


Ati: "Urwego rw'ikoranabuhanga ruratera imbere ku Isi, kandi u Rwanda na rwo ruri muri izo mpinduka. Ikwirakwira rya internet ryariyongereye rigera kuri 62% kubera ishoramari ryashyizwe mu bikorwa remezo, ubumenyi bwoyongera ku gukoresha ikoranabuhanga ndetse na Politiki zishyigikira ikoreshwa ryayo mu nzego zinyuranye."

Mu ntangiriro z'umwaka wa 2024, u Rwanda rwari rufite abakoresha internet basaga miliyoni 4,91 ugereranyije na miliyoni 3,31 bayikoreshaga mu mwaka wa 2020 ubwo ikwirakwira rya internet ryari ku kigero cya 26%.

Kunda ahamya ko nubwo intambwe igezweho ari iyo kwishimirwa hakiri imbogamizi, ati: "Mu gihe kubona ikwirakwira rya internet rigeze kuri 62% ari ibyo kwishimira, turacyafite ibyuho mu kuyigeraho n'igiciro cyayo kidahendukira buri wese, by'umwihariko hagati yo mu bice by'imijyi n'ibyaro."

Yakomeje agira ati: "Abanyarwanda benshi bakoresha internet mu kugera kuri serivisi, mu itumanaho, ndetse no mu buzima bwose bwa buri munsi ariko si bose bashobora kuyigondera cyangwa ngo babe bazi kuyikoresha mu buryo butanga umusaruro."

Yongeyeho ko Ihuriro ry'Imiyoborere Ishingiye ku Ikoranabuhanga rigaragaza amahirwe y'ibiganiro n'imikoranire bihuza inzego zitandukanye harimo n'intumwa za rubanda, mu rwego rwo gutegura politiki n'amategeko bishyigikira iterambere ry'ikoranabuhanga mu Gihugu.


Internet ikoreshwa n'abagera kuri miliyoni 5

Kunda yashimangiye ko hakenewe ibisubizo bidaheza kandi hakibandwa ku kongera ubukangurambaga ku mikoreshereze y'ikiranabuhanga no koroshya kurigeraho mu buryo burambye.

Alex Ntare, Umuyobozi w'Inshamj rishinzwe Ikiranabuhanga mu Rugaga rw'Abikorera (PSF), yagaragaje akamaro ko kongera inyandiko zo mu Kinyarwanda kuri murandasi mu rwego rwo kongera abayikoresha.

Ati: "Ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (AI) rishobora gukoreshwa mu gusemura no kurema ubutumwa bwo mu Rwanda bugerwaho mu buryo bworoshye."

Yasabye abafatanyabikorwa bose kongera ubukangueambaga ku nyungu zo gukoresha serivisi z'ikoranahuhanga.

Yakomeje agira ati: "Uko Abanyarwanda bakoresha imbuga z'ikoranabuhanga ni ko serivisi zizarushaho guhenduka kandi zigashinga imizi."

Umuyobozi w'Amashami y'Umuryango w'Abibimbye mu Rwanda Ozonnia Ojielo, yashimye uburyo u Rwanda rukomeje kwimakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu nzego zose, yizeza ko Loni itazatezuka mu gushyigikira intego y'u Rwanda mu bikoranabuhanga.

Mu rwego rwo kurushaho kwagura ikoreshwa rya internet, u Rwanda rurateganya kongera iminara 840 mu myaka itatu iri imbere, ku minara 1.760 isanzwe ikoreshwa mu gihugu.

Ibi bizafasha mu kongera ahagera ihuzanzira rya telefoni rikava kuri 75% kugeza ku kigero cya 97% nk'uko bishimangirwa na Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo.

Inyigo iheruka gukorwa, isaba ko umubare w'iminara wakongerwa nibura ukagera ku 2.500 kugira ngo u Rwanda rugere ku ntego yo kugeza ihuzanzira rya telefoni ku kigero cya 97% mu gihugu hose.

# MINISANTE yibukije Abanyarwanda kwirinda malariya n'ibicurane muri iyi mpeshyi

KAMALIZA Agnes

***Minisiteri y'Ubuzima, (MINISANTE) yibukije Abanyarwanda kwitwararika muri ibi bihe byo kuva mu itumba binjira mu mpeshyi kuko hari indwara ziyongereye bitewe n'ihindagurika ry'ibihe zirimo malariya n'ibicurane.***

Mu butumwa bwa Minisitiri w'Ubuzima Dr. Sabin Nzanzimana yatanze kuri uyu wa Mbere ku rubuga rwe rwa 'X' yasabye abantu kwibuka kurara mu nzitiramibu ikoranye umuti ndetse bakisuzumisha kare mu gihe biyumvamo ibimenyetso.

Yagize ati: "Dufatanye kurwanya imibu no kwisuzumisha ku gihe."

Yasabye abantu gukomeza umuco w'isuku bakirinda kwanduzanya kuko hari n'izindi ndwara ziterwa n'ihindagurika ry'ibihe zirimo n'ibicurane.

Malariya imaze igihe yarubuye umutwe ndetse yibasiye ibice bitandukanye by'Igihugu by'umwihariko Umujyi wa Kigali, Akarere ka Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba n'aka Gisagara mu Ntara y'Amajyepfo.

Mu kwezi gushize Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) cyatangaje ko mu gihe cy'iminsi 30 mu Mujyi wa Kigali hagaragaye abarwayi ba malariya basaga 10 000 mu bipimo byafashwe ku rwego rw'Umudugudu.


Minisitiri w'Ubuzima Dr. Sabin Nsanzimana ashishikariza abantu kwirinda malariya

RBC yagaragaje ko abasanzwemo malariya bapimwe hagati y'itariki 21 Mata na 18 Gicurasi 2025, mu miryango igizwe n'abaturage basaga 50 000.

Mu Mirenge 15 yo muri Kigali, RBC igaragaza ko abapimwe ari 34 963 bangana na 70%, ariko 30% ni ukuvuga abantu 10 339 muri bo basanzwemo malariya, mu gihe imibare igaragaza ko abarwayi fatizo ba malariya ari 14 787 mu bantu 50 147 bagize imiryango.

Imibare yo muri Gashyantare 2025, igaragaza ko Umujyi wa Kigali uri ku isonga mu kugarizwa na malariya aho Akarere ka Gasabo kayoboye n'abarwayi 15 409, Kicukiro igakurikiraho n'abarwayi 10 473, aka Nyarugenge kakaza ku mwanya wa gatanu mu gihugu n'abarwayi 5 161.

# Ikoranabuhanga no guhanga ibishya bifashe ahazaza h'ubuhinzi bw'Afurika- Dr Ngirente

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Intebe, Dr. Ngirente Edouard yagaragaje ko kugira ngo ubuhinzi muri Afurika butere imbere hakwiye kwimakazwa ikoranabuhanga ritagira uwo riheza kandi rigashyigikirwa mu buryo bufatika no kwimakaza guhanga ibishya muri urwo rwego.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 10 Kamena 2025, ubwo yafungura ku mugaragaro Inama ya 2 y'iminsi 4, yiga ku guteza imbere ikoranabuhanga mu buhinzi muri Afurika (ACAT 2025), iteraniye i Kigali kuva ku wa 9 ikazageza ku wa 12 Kamena 2025.

Dr. Ngirente yagize ati: "Buri muntu muri iki cyumba, yaba umuhinzi, uri mu bashyiraho politiki y'ubuhinzi, abashakashatsi n'abahanga mu guhanga ibishya, afite umumaro ukomeye mu kugena ahazaza heza h'ubuhinzi bwacu. Aho hazaza hashingiye ku gufasha abahinzi kubona imbuto n'ifumbire bihagije kandi bikajyana no kubafasha kubona ibikoresho by'ubuhinzi no kubona amasoko ku gihe."



**Minisitiri w'Intebe, Dr. Ngirente Edouard yagaragaje ko kugira ngo ubuhinzi muri Afurika butere imbere hakwiye kwimakazwa ikoranabuhanga**

Yakomeje agira ati: "Nubwo umugabane wacu ufite ubutaka bwinshi n'abantu bafite ubushobozi bwo guhinga, abahinzi benshi muri Afurika baracyahura n'ibibazo […]. Ibyo bibazo birimo ibihe by'ikirere bihindagurika, imikoreshereze y'ubutaka itajyanye n'igihe, kutagira aho bagurisha umusaruro, n'ibura ry'amikoro."

Dr Ngerente yakomeje ati: "Kugira ngo dukemure ibi bibazo, ngo tugire ejo hazaza heza h'ubuhinzi muri Afurika, tugomba gukoresha ikoranabuhanga no guhanga ubishya nk'inkingi z'iterambere ry'uyu mwuga."

Yakomeje avuga ko gukora cyane gusa bidahagije. Ati: "Ubuhinzi bugomba kuba burambye kandi bugaragara nk'umwuga w'icyizere, cyane cyane ku rubyiruko rwacu. Kugira ngo ibi bigerweho, tugomba gushyira ikoranabuhanga no guhanga ibishya mu bikorwa byose byo guteza imbere uyu mwuga."

Minisitiri w'Intebe Dr. Ngirente yavuze ko u Rwanda rufata ubuhinzi nk'imwe mu nkingi z'ingenzi z'iterambere rirambye ry'igihugu gikomeje gushora imari mu buryo bwateguwe neza kugira ngo gikomeze guteza imbere uru rwego.

Ati: "Kugira ngo dukureho ingorane zihari kandi ubuhinzi burusheho kuba igikorwa kigororotse kandi kibyara inyungu, twashyize mu bikorwa ibikorwa bitandukanye mu nzego zose z'uru rwego.

Ibi bikorwa birimo kwita ku itangwa ry'inyongeramusaruro zifite ireme, kunoza uburyo bwo kubona inguzanyo iciriritse, guteza imbere ubwishingizi bw'imyaka n'amatungo, kwagura ibikorwa remezo by'ubuhinzi bwuhirwa ndetse no kunoza serivisi z'ubujyanama mu buhinzi.

Yunzemo ati: "Ibi kandi byiyongeraho kongera ibikorwa byo guhunika no kubungabunga umusaruro nyuma y'isarura, hamwe no gushora imari mu burezi bushingiye ku isoko, n'izindi ngamba z'ingenzi."

Goodluck Johnthan wigeze kuyobora Nigeria yasabye ibihugu gushyira hamwe mu guteza imbere urwego rw'ubuhinzi.

Yagize ati: "Leta zacu zigimba kugaragaza umucyo no gushyira uburyo buhamye ku bashoramari hagamijwe guha imbaraga ibikorwa remezo, gusigasira ingengo y'imari yagenewe ubuhinzi.

Ibyo kandi bigomba kujyane no kubuka ikizere gihamye no kongera ubumenyi binyuza mu itumanaho rinyuza mu mucyo no guha ijambo abahinzi, urubyiruko n'abaturage muri rusange."

Abahanga mu rwego rw'ubuhinzi muri Afurika bavuga ko ubuhinzi ari inkingi ya mwamba ku bukungu bw'Ibihugu by'Afurika kuko butanga akazi ku bantu basaga 60% by'abaturage babyo kandi bukagira uruhare rwa 23% ku musaruro mbumbe w'Afurika muri rusange, ari yo na yo mpamvu bugomba gusigasirwa.

Iyi Nama Nyafurika yiga ku Ikoranabuhanga mu buhinzi yitabiriwe n'abazaga 800, irimo abayobozi mu nzego zinyuranye barimo abayobora Guvurinoma, abahanga mu guhanga ibishya, abanyapolitiki, abashakashatsi n'impuguke mu buhinzi bwifashisha ikoranabuhanga, bakaba bakomeje kungurana ibitekerezo ku ikoranabuhanga rigezweho mu buhinzi, ingero z'umusaruro ritanga aho rikoreshwa uko bikwiye ndetse n'ubufatanye mu kwimakaza iterambere ry'ubuhinzi muri Afurika.

# Ibiciro ku isoko byiyongereyeho 6.9 % muri Gicurasi 2025

**KAMALIZA Agnes**

***Ku wa Kabiri tariki ya 10 Kamena 2025, Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) cyatangaje ko ibiciro ku masoko byazamutseho 6.9% muri Gicurasi 2025, bivuye kuri 6.3 % byariho muri Mata uyu mwaka.***



**Muri Gicurasi ibiciro ku isoko byazamutseho 6,9%**

Raporo ya NISR yagaragaje ko izamuka ry'ibiciro rishingiye ahanini ku mpinduka zabaye ku biciro by'ibikomoka ku buhinzi, ibinyobwa bisembuye n'ibidasembuye, ubwikorezi, amahoteli, resitora n'ibindi.

Yagaragaje ko muri Gicurasi ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereye ku kigero cya 9.2% mu gihe cy'umwaka mu gihe byiyongereyeho 0.5% muri Gicurasi 2025 ugereranyije n'ukwezi kwabanje.

Inzu, amazi, amashanyarazi, gaze n'ibindi bicanwa byiyongeraho 3.3%, naho mu gihe cy'ukwezi byiyongeraho 0.7%, ubwikorezi bwiyongereyeho 3.7% muri uyu mwaka mu gihe muri Gicurasi ugereranyije na Mata bwazamutseho 0.4 %, amaresitora n'amahoteli yiyongeraho 16.6% mu gihe cy'umwaka wose, agira izamuka rya 1.7 % muri Gicurasi ugereranyije na Mata.

Iyi raporo igaragaza ko ibicuruzwa by'imbere mu gihugu byiyongereyeho 6.9%, naho mu gihe cy'ukwezi byiyongeraho 0.1%, ibyatumijwe mu mahanga byiyongeraho 6.9% umwaka wose bikaba byarazamutseho 2% muri Gicurasi.

Ibikomoka ku buhinzi byiyongereyeho 12.3% ariko bigabanyukaho 1.4% muri Gicurasi, mu gihe ibiciro by'ingufu byagabanyutseho 0.8% muri uyu mwaka ariko byiyongeraho 1.9% muri Gicurasi ugereranyije na Mata.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Ikiguzi cy'amazi meza akugeraho kirakureba*

*Tekereza uramutse ukangutse ugasanga iwawe amazi yose wazigamye yashize, wasohoka hanze ugasanga no mu mavomo yose nta mazi akiharangwa, wanagerageza kubaza mu baturanyi ugatahura ko hose nta mazi ahari.*

*Waba wibaza aho amazi unywa, ukaraba, umeshesha no gusukura ibyawe byose aturuka? Niba ubyibaza, ujya utekereza ko ashobora kuba make akabura atari iwawe gusa, ubuzima bwahagarara.*

*Amazi ni umutungo kamere ubuzima budashoboka udahari, cyane ko ibinyabuzima byose bigizwe kandi bitunzwe na yo. Nubwo bigoye kuvuga ko amazi ashobora gukamira rimwe ku Isi, ariko hari ibice byinshi yagiye akama, hamwe hakanahinduka ubutayu kandi yarigeze kuhaboneka.*

*Ibyo bisobanuye ko kubungabunga amazi ari ingenzi cyane mu gutabara umubumbe wacu, kuko uretse kuba ari wo musingi w'ubuzima bwose bw'ibihumeka, anafasha mu mibereho y'abantu, gukorera amafaranga no gutuma ibikorwa byinshi bya muntu bishoboka.*

*Nyamara kubera ko umuntu avuka, agakura ayasanga, hari ubwo ayabona nk'uburenganzira aho kuyafata nk'umutungo ukwiye gusigasirwa ndetse ukanabungabungwa mu buryo atanga umusaruro muzima ku bayakoresha.*

*Ni yo mpamvu hari ikiguzi gikomeye gishyirwa mu guharanira ko aya mazi abera abaturage umutungo ubafitiye akamaro mu nguni zose bitewe n'umumaro agira, uhereye ku kubatunga, gutunga ibyo bahinga ndetse no gufasha ibindi bikorwa by'iterambere.*

*Kugira ngo amazi meza agere mu rugo rwawe, Guverinoma ishora imari itubutse mu bikorwa remezo birimo kubaka inganda zitunganya amazi akaba meza ku buryo adateza ibibazo by'ubuzima aho kubikemura, kwagura imiyoboro igeza amazi ayunguruye kuri bose ndetse no mu kubungabunga amasoko yayo kugira ngo atagira ibiyangiza.*

*Iyo amazi ageze iwawe ari meza, birakwiye kuzirikana ko hari ikiguzi gikomeye gitangwa kugira ngo uyabone ari na yo mpamvu ntawarukwiye gushidikanya ku mafaranga yishyura ku mazi akoresha kuko asubira mu bikorwa byo kwagura imiyoboro kugira ngo u Rwanda rugere ku ntego yo kuyageza ku baturarwanda bose.*

*Nyamara ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amazi isuku n'Isukura (WASAC Group) buvuga ko 50% by'abafatabuguzi ba serivisi z'amazi ari bo bishyura ku gihe mu gihe ikindi cya kabiri batinda kwishyura.*

*Igihe cyose ubona amazi meza iwawe jya ubifata nk'umwenda wo kwitura abatarayabona mu gihugu, bityo wishyurire ku gihe fagitire kuko ingano y'ayo umuntu akoresha ikubye inshuro nyinshi cyane ikiguzi asabwa kuyishyura.*

*Kwishyura fagitire bikwiye kujyana n'ibikorwa byiza bijyanye no gukumira ko amazi ameneka binyuze mu gutanga amakuru ku matiyo yatobotse, gusana aho amazi ava mu nzu, gukoresha uburyo budasesagura amazi.*

*Mu kwirinda gusesagura amazi no kugabanya apfa ubusa, dushobora guharanira kubaka umutungo w'amazi uhagije kandi urambye ku binyabuzima byose.*

# U Rwanda rwasabye Loni ko inyandiko za ICTR zashyingurwa i Kigali

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yasabye Umuryango w'Abibumbye (Loni) kwimurira i Kigali ishyinguranyandiko rya dosiye z'urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR), rigaragaramo dosiye z'ababuranishijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 i Arusha muri Tanzania.***

Si ubwa mbere u Rwanda rutanze ubwo busabe kuko no mu mwaka wa 2015 ubwo ICTR yasozaga imirimo yayo, ubwo busabe bwaratanzwe ariko Akanama ka Loni gashinzwe Umutekano ku Isi (UNSC) gashimangira impungenge z'umutekano wa bamwe mu batangabuhamya bavugishijwe mu ibanga rikomeye.

Ibyo bishingirwa ku kuba hari abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, abayihakana n'abayipfobya bagiye batanga ubuhamya mu rwego rwo gukomeza guhishira ukuri kw'ibyo babayemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ambasaderi Uhoraho mu Muryango w'Abibumbye Martin Ngoga, yabigarutseho ku wa Gatatu tariki ya 11 Kamena 2025 mu biganiro nyunguranabitekerezo ku mikorere y'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha (IRMCT) byabereye mu Kanama gashinzwe Umutekano ku Isi.

Inyandiko zishyinguwe I Arusha muri Tanzania ahari icyicaro cya IRMCT ziragaga 900.000 ziyongeraho amajwi y'imanza zaburanishijwe mu minsi irenga 6.000, n'ubuhamya bw'abasaga 10.000 ndetse n'imyanzuro y'urukiko yafatiwe ababuranishirijwe muri urwo rukiko.

Muri iryo shyinguranyandiko kandi habonekamo inyandiko zagiye zisangizwa urukiko nk'ibizibiti zabaga ziturutse muri Guverinoma y'u Rwanda, by'umwihariko muri Minisiteri y'Ingabo, za Ambasade no mu bigo nka za banki, ndete n'amakuru yavaga mu bakekwaho ibyaha.

Amb. Ngoga yagize ati: "Mbere na mbere u Rwanda rwongeye guhamagarira kwimurira i Kigali ishyinguranyandiko rya ICTR kandi ruracyakomeje ku kwiyemeza kubika neza amateka yarwo ya Jenoside. Izo nyandiko zifite igisobanuro ku mateka kandi zikwiye kuba zibonwa n'Abanyarwanfa, by'umwihariko abarokotse Jenoside n'imiryango yabo, utibagiwe n'abashakashatsi cyangwa impuguke bakora kuri dosiye zirebana na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ibindi byaha mpuzamahanga."

Yavuze ko akamaro rusange ko kugera kuri izo nyandiko mu gushyigikira urugendo rw'iperereza ndetse n'ubushinjacyaha mu guca imanza kadakwiye guteshwa agaciro.

Amb. Ngoga kandi yahamije ko Umuryango Mpuzamahanga ukwiye kwizera u Rwanda ku bushobozi bwo kubika neza izo nyandiko nk'uko na rwo rwawizeye rusaba guhabwa abo batangabuhamya.

Yakomeje agira ati: "U Rwanda rwiteguye gutanga ibikorwa remezo byose bikenewe mu guharanira ko inyandiko zishyinguwe mu buryo bunoze kandi butekanye. Mu gihe Loni yakenera gukomeza kwicungira izo nyandiko, u Rwanda ruzakira neza iyubakwa ry'inzu yihariye kuri icyo gikorwa i Kigali."

Amb. Ngoga yashimangiye ko gushyingura neza inyandiko za ICTR bizarushaho gufasha kubungabunga umurage w'urwo rwego mu butabera no kubika amateka.

Abashakashatsi mu butabera n'amateka bagiye bagaragaza kenshi ko izo nyandiko zidakwiye kuba zishyinguwe i Arusha muri Tanzania kuko zibise amakuru menshi agaragaza ukuri ku mateka y'u Rwanda.

Bavuga ko inyandiko za ICTR zizagirira akamaro gakomeye ibisekuru by'Abanyarwanda n'abandi baturuka mu bice bitandukanye bakora ubushakashatsi ku mateka y'u Rwanda.



**U Rwanda rwasabye Loni kwimurira i Kigali ishyinguranyandiko rya dosiye z'urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR)**

# Kiliziya Gatolika yizihije Yubile y’imyaka 125 y’Ubusaseridoti

**NYIRANEZA Judith**

***Ku wa Gatandatu tariki ya 14 Kamena 2025, Kiliziya Gatolika yizihije Yubile y’imyaka 125 y’Ubusaseridoti ku rwego rw’Igihugu, yizihirijwe mu Karere ka Nyamasheke.***

Abakirisitu ba Kiliziya Gatolika bateraniye i Shangi muri ako Karere mu birori by’impurirane byo kwizihiza Yubile y’ubusaseridoti n’imyaka 125 ishize ivanjili igeze mu Rwanda.

Amateka agaragaza ko i Shangi ari ho haturiwe igitambo cy’ukaristiya bwa mbere mu Rwanda, ku wa 20 Mutarama 1900.

Muri icyo igitambo cy’ukarisitiya, Arikiyepisikopi wa Kigali Antoine Karidinali Kambanda yasabiye abasaseridoti n’abakirisitu imbaraga.

Yagize ati: “Yezu Kirisitu Umushumba mwiza, Umusaseridoti Mukuru, wowe Mwigisha n’Umugaragu wa bose, abasaseridoti bawe n’abakirisitu bose ukomeze ubahunde imbaraga zawe, ubahe kugukorera nta buhemu,bazarinde bapfa bagifite ubutwari n’urukundo.”

Yavuze imbaga yakoraniye i Shangi uyu munsi bishingiye ku rukundo.

Ati: “ Kwemera n’urukundo ni byo byakoranyirije iyi mbaga aho hantu kandi ni twebwe tugize Kiliziya nzima hano ku Isi, imenyesha kandi igahamya urukundo Imana ikunda abantu.”

Musenyeri wa Diyoseze ya Cyangugu Edouard Sinayobye yasobanuye ko abapadiri bageze mu Rwanda igikorwa



**Arikiyepisikopi wa Kigali Antoine Karidinali Kambanda yifatanyije n'abapadiri n'abakirisitu kwizihiza Yubile y'imyaka 125 y'ubusaseridoti**

cy’iyogezabutumwa cya mbere bakoze ari ugutura igitambo cy’ukarisitiya.

Yagize ati: “Uwo munsi, ku ya 20 Mutarama 1900, u Rwanda rwakiriye icyarimwe impano y’abasaseridoti, intore n’intumwa zayo mu Rwanda rwakira ukarisitiya ntagatifu mu misa ya mbere yaturiwe hano i Shangi. Turabikorera Yubile.” Kuri uyu munsi Twaje twese duhimbiwe kwizzihiza Uhoraho, turasingizam turashimira Imana, turaririmba twikiranya Ukarisitiya n’ubusaseridoti.”

Yagarutse kandi kuri alitari y’isugi yahawe umugisha, anavuga ko bishimishije kwizihiza Yubile y’imyaka 125.

Ati: “Alitari y’isugi yaherewe umugisha ku munsi wa Yubile yibutsa igikorwa cya mbere cy’ubutumwa bwiza mu Rwanda. Kubaka urutambiro no gutura igitambo.

Iyi alitari izakomeza kutubera ikimemnyetso cya misa ya mbere u rwanfa rwakiriyemo bwa mbere umugisha w’ijuru umusaseridoti waturaga igitamnbo yari mu kimbo kandi yunze ubumwe ku bwa Roho n’imbaga y’abakirisitu bari bagiye kwakira ukwemera bakabatizwa.”

Yasabye abitabiriye Yubile kuzirikana izo mpano z’impanga, Imana yabahereye icya rimwe.

# Mu 2029 u Rwanda ruzaba rwuhira kijyambere hegitari ibihumbi 132

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y’u Rwanda yatangaje ko ifite gahunda yo kwagura ubuso bw’ubuhinzi bwuhirwa mu buryo bugezweho hifashishije ikoranabuhanga, bukava kuri hegitari 72 000 bukagera ku 132 000.***

Minisitiri w’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI, Dr Mark Cyubahiro Bagabe, yabitangaje ku wa Kabiri tariki ya 10 Kamena 2025 mu kiganiro n’abanyamakuru cyagarukaga ku Nama Nyafurika ya 2 yiga ku Ikoranabuhanga mu Buhinzi (ACAT 2025).

Dr Bagabe yagaragaje ko mu myaka yashize mu Rwanda nta muco wo kuhira wahabaga, amazi y’imvura agatemba ntawuyitayeho ndetse n’aretswe abantu bakayanywa gusa.



**Hibutswe abafite ubumuga bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Yavuze ko nyuma yo kubona habaho imihindagurikire y’ikirere yibasira ubuhinzi, igateza amapfa n’imyaka ikarumba, u Rwanda rwafashe icyemezo cyo gutangira uburyo bwo kuhira hifashishijwe ikoranabuhanga kandi bukomeje gutanga umusaruro ufatika.

Yagize ati: “Iyo ibibazo bije akenshi bidutera no gutekereza ku bisubizo cyane cyane twuhira ubuso bunini. Nka Gabiro dufite hegitari zisaga ibihumbi 6 zimaze guhingwa, turashaka no kongeraho n’izindi ibihumbi 10.”

Kugeza ubu, uretse uwo mushinga wa Gabiro, MINAGRI ibarura ubuhinzi buteye imbere bwuhirwa ku buso bunini burimo umushinga wa Mpanga mu Karere ka Kirehe wuhirwa kuri hegitari 600, uwa Nasho wa hegitari 1200 n’uwa Mahama ufite hegitari 4.

Minisitiri Dr Cyubahiro ati: “Ni akazi gakomeza, tugenda dutunganya, tukaba dufite n’ibyanya bibiri mu mazi, na byo turimo kugenda dutunganya. Kera wasangaga ari mu rufunzo, cyangwa se ibihingwa mu by’ukuri bitagira umusaruro uhagije.”

Yakomeje agira ati: “Mu igenamigambi ry’imyaka itanu ry’ubuhinzi twatangiye, ryatangiye mu 2024 kugeza mu 2029, turateganya kujya tugenda twongeraho hegitari ibihumbi 10 byo kuhira buri mwaka. Twari ku bihumbi 72 bya hegitari, turifuza kugera ku bihumbi 132 bya hegitari mu myaka itanu iri imbere.”

Atangiza inama ya 2 ya ACAT, Minisitiri w’Intebe Dr Edouard Ngirente, yavuze ko ibihugu bya Afurika bikwiye kwimakaza ikoranabuhanga no guhanga udushya hagamijwe guteza imbere ubuhinzi no kongera umusaruro.

Abahanga mu rwego rw’ubuhinzi bavuga ko ubuhinzi ari inkingi ya mwamba ku bukungu bw’Ibihugu by’Afurika kuko butanga akazi ku basaga 60% by’abaturage kandi bukagira uruhare rwa 23% ku musaruro mbumbe w’Afurika muri rusange.







**Abayobozi n’abakozi ba LODA basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kiziguro ruherereye mu Karere ka Gatsibo**

# Kwibuka 31: Abakozi ba LODA bibukijwe kwanga ikibi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Mu gihe hakomeje iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abakozi b’Ikigo gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by’Iterambere mu Nzego z’Ibanze (LODA), bibukijwe kwanga ikibi bigira ku mateka ashaririye u Rwanda rwanyuzemo.***

Ku wa Kane tariki 12 Kamena 2025, ni bwo abayobozi n’abakozi ba LODA basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kiziguro ruherereye mu Karere ka Gatsibo, bunamira abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umuyobozi mukuru wa LODA, Nyinawagaga Claudine, yavuze ko bamwe mu bari abayobozi bagize uruhare rukomeye muri Jenoside, atanga urugero rw’uwitwaga Gatete wayoboye ubwicanyi bwakorewe i Murambi ya Kiziguro.

Yagize ati: “Hirya no hino mu Rwanda Jenoside yarahabaye kandi yari mbi, ariko hari ibice bifite amateka yihariye harimo hano hitiriwe Murambi ya Gatete wari Burugumesitiri, agatanga urugero muri ubwo bugome ndengakamere n’ahandi.”

Yavuze ko abakozi ba LODA basuye kuri urwo rwibutso ngo barusheho kumva

amateka ya Jenoside no gusobanukirwa umusanzu batanga mu kwirinda ko ibyabaye bitazasubira ukundi.

Uretse gusura urwibutso hanatanzwe Ubwisungane mu Kwivuza ku miryango irenga 150 y’abarokotse Jenoside, bufite agaciro ka miliyoni z’amafaranga y’u Rwanda zisaga 3.

Abahawe ubwisungane mu kwivuza bashimiye LODA yabatekerejeho ikabafasha kubona uko bazajya bivuza.

Uwitwa Nsengiyumva Jean Paul ati: “Bamwe muri twe nta mikoro bafite ariko Imana yabakoreyemo.”

Undi ati: “Kuba badutekerejeho ni ishimwe rikomeye, turishimye kandi turakomeye kandi turatwaza kuko muturi hafi.”

Ubuyobozi bwa LODA buvuga ko gusura inzibutso, gufata mu mugongo abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi no kubakomeza bikwiye kuba inshingano ya buri wese.

Urwibutso rwa Kiziguro ruruhukiyemo imibiri irenga ibihumbi 20 y’abishwe nuri Jenoside yakorewe Abatutsi yakuwe mu yahoze ari Komine Murambi, Muhura na Giti zahujwe zikabyara Akarere ka Gatsibo.

Ni urwibutso rufite amateka yihariye kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko rugizwe n’ibice bitandukanye birimo umwobo wa metero zirenga 35 wajugunywemo Abatutsi bicwaga, inzu bateganya gushyiramo amateka, ubusitani ndetse n’imva ziruhukiyemo imibiri y’abahiciwe mu 1994.

# Kwibuka 31: Bagaye abakoze Jenoside batagiriye impuhwe abafite ubumuga

**KAMALIZA Agnes**

***Abafite ubumuga banenze bivuye inyuma abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 bishe bagamije kurimbura, bakabikorana ubugome ndengakamere ndetse badasize cyangwa ngo bagirire impuhwe bagenzi babo bari bafite ubumuga.***

Ku wa Kane tariki ya 12 Kamena 2025, abafite ubumuga bibukiye bagenzi babo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku Rwibutso rw’Akarere ka Rubavu ahazwi nko kuri Komine Rouge rushyinguwemo abasaga 5.000.

Ni igikorwa cyateguwe n’Inama y’Igihugu y’Abafite Ubumuga (NCPD) n’abafatanyabikorwa bayo, cyabimburiwe n’urugendo rwo Kwibuka.

Ndayisaba Emmanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCPD, yagaragaje ko abakoze Jenoside bayikoranye ubugome batitaye no ku muntu ufite ubumuga wagendaga abagana atazi abo ari bo.

Yagize ati: “Ufite ubumuga ntiyamenyaga ibiri kuba, kuko nk’utabona cyangwa utumva yashoboraga no kugwa mu bicanyi atabizi. Ntiyashoboraga no kwirwanirira cyangwa ngo abarwanye.”

Yasabye abarakotse Jenoside barimo n’abo yateye ubumuga kudaheranwa n’ayo mateka ashaririye ahubwo bagakomeza urugendo rwo gukora bakiyubaka.

Perezida w’Umuryango Uharanira Inyungu y’Abarokotse Jenoside (IBUKA) mu Karere ka Rubavu Gerard Mbarushimana, avuga ko kwica abafite ubumuga ari igikorwa cy’ubunyamanswa cyuje ubugwari bukabije.

Ati: “Ni ibikorwa by’ibikoko kwica abafite ubumuga, ni ubugwari, ni ibikorwa by’ubugome ndengakamere kwica umuntu utakurwanya.”

Mbarushimana yasobanuye ko ako Karere kahoze ari muri Perefegitura ya Gisenyi kihariye ku kuba karavutsemo Abanyepolitiki bari bakomeye bashyize mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi, bakabishishikariza abandi.

Muri abo bayobozi harimo uwari Umukuru w’Igihugu Juvenal Habyarimana, Leon Mugesera wavugiye ijambo rikomeye ku Kabaya agaragaza ipfobya rikabije ry’Umututsi n’ukuntu atagomba kubaho, Col. Bagosora Theonetse wavuze ukuntu agiye gutegura imperuka y’Abatutsi, n’abandi batandukanye bari bafite amazina akomeye muri icyo gihe.

Abafite ubumuga bagaragaje uburyo abigaga ku ishuri rya Gatagara bicanywe ubugome bukabije kuko babatemaga babambitse ubusa.

Bavuga ko baterwa umubabaro n’ingaruka zatewe na Jenoside zirimo no kukuba hari abakuye ubumuga mu rugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi no kubohora u Rwanda.

Neretse Jean Baptiste wari i Gatagara mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yagize ati: “Abatutsi bari i Gatagara baraje barabashorera babajyana ahantu babakuramo imyenda babata mu cyobo bari baracukuye. Ese niba umuntu adashoboye no kwiruka ugatinyuka ukamurwanya urumva koko ibyo ari ibintu?”

Gato Hamis, ufite ubumuga bw’amaguru yagize ati: “Ababikoraga bari bafite umutima wa kinyamanswa ku buryo nk’Umunyarwanda ufite ubwenge atagombaga kwifatanya na bo.”

Bemeza ko nyuma y’ayo mateka mabi ubu hari icyizere cy’ubuzima cyane ko hari Leta nziza ishyigikira buri wese nta vangura.

Bashimira Leta yabafashije kwisanga mu muryango bakaba batagihezwa mu bikorwa byose cyangwa bapfobywe bitewe n’uko bameze.

Bemeza kandi ko bamaze gusobanukirwa, bityo badateze kwifatanya n’abazana ingengabitekerezo ya Jenoside n’abahembera urwango.



**Hibutswe abafite ubumuga bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

# Icyuho cy'ibitumizwa n'ibyohereza mu mahanga cyagabanyutseho miliyari 34 Frw

**ZIGAMA Theoneste**

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) yatangaje ko icyuho kiri hagati y'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga n'ibyo rutumizayo cyagabanyutseho 1% mu 2024, bingana n'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 34 (miliyoni 24,4 z'amadolari ya Amerika).

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yabibagarutseho ku wa Kane tariki ya 12 Kamena 2025, ubwo yageza ku Nteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi, umushinga w'itegeko rigenga ingengo y'imari ya 2025/2026.

Yanagaragaje uko ubukungu bwari bwifashe mu 2024, kandi bwagiye buzamuka mu buryo butandukanye.

Yagize ati: "Icyuho cy'ibyo twohereza mu mahanga n'ibyo dutumiza cyagabanyutseho 1%, binganga na miliyoni 24,4 z'amadolari ya Amerika, bigera kuri tariliyari 3 na miliyari 335 Frw (miliyari 2 na miliyoni 344 z'amadolari ya Amerika) mu 2024, kivuye kuri tiriliyari 2 na miliyari 369 Frw (miliyari 2 na miliyari 368 z'amadolari ya Amerika) mu mwaka wa 2023".

Yavuze ko iryo gabanyuka ryatewe n'uko ibicuruzwa u Rwanda rwohereza mu mahanga byazamutse ku gipimo cya 6,9% mu 2024, ugereranyije na 1,7% byari byazamutse mu mwaka wa 2023.

Minisitiri Murangwa yakomeje avuga ko ibyo u Rwanda rutumiza mu mahanga byazamutse ku gipimo cya 4,2% mu 2024, ugereranyije na 8,8% mu 2023.

Yagize ati: "Mu mwaka wa 2024, izamuka ry'ibyo twohereza mu mahanga byaturutse ku ikawa yazamutse ku gipimo cya 2,9%, icyayi cyazamutse kuri 6,4% ndetse n'amabuye y'agaciro yazamutse kuri 14,9%.

Yunzemo ati: "Inyungu muri serivisi yaragabanyutse igera kuri miliyari zisaga 129 na miliyoni 478 Frw (miliyoni 91.1 z'amadolari ya Amerika) mu 2024, ivuye kuri miliyari zisaga 142 na miliyoni 283 Frw (miliyoni 100.7 z'amadolari ya Amerika) yariho mu mwaka 2023.

Bitewe na serivisi dusaba hanze zazamutse ku gipimo cya 4,6% naho izo dutanga hanze (service export) zazamutse ku gipimo 3,3%."

Minisitiri Murangwa yakomeje avuga ko serivisi u Rwanda rutanga hanze zigurwa n'Abanyamahanga ahanini zigurwa na bamukerarugendo, zazamutse ku kigero cya 2,8% muri 2024, ni ukuvuga ko zageza ku gaciro k'asaga miliyari 823 na miliyoni 819 Frw (miliyoni zisaga 579.5 z'Amadolari ya Amerika), zivuye kuri miliyari 801 na miliyoni 53 Frw (miliyoni 563.9 z'amadolari ya Amerika) mu mwaka wa 2023.

Yakomeje agaragaza ko na serivisi z'ubwikorezi zitangwa n'indege zazamutse ku gipimo cya 15,6% ni ukuvuga ko bwageze ku mafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 236 na miliyoni 190 (miliyoni 166.6 z'amadolari ya Amerika) mu mwaka wa 2024, buvuye kuri miliyari 204 na miliyoni 888 Frw (miliyoni 144.1 z'amadolari ya Amerika) mu mwaka wa 2023.



**Icyuho cy'ibitumizwa n'ibyoherezwa mu mahanga cyagabanyutseho agera muri miliyari 34 Frw**



**U Rwanda rwahaye inzira ingabo za SADC zisubira mu bihugu zoherejwe ziturutsemo**

# U Rwanda rwahaye inzira ingabo za SADC ziturutse i Goma

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ku wa Kane tariki ya 12 Kamena 2025, u Rwanda rwahaye inzira Ingabo z'Umuryango w'Iterambere w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SAMIDRC) zari zaraheze mu Mujyi wa Goma mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) aho zagiye kurwana ku ruhande rumwe n'ingabo za Leta y'icyo gihugu.***

Izo ngabo zaje muri RDC mu mpera z'umwaka wa 2023 mu butumwa zoherejwemo n'ibihugu bigize SADC birimo n'Afurika y'Epfo, mu guhangana n'inyeshyamba za M23 ziharanira uburenganzira bw'Abanyekongo bambuwe uburenganzira ku gihugu cyabo.

Izo ngabo zashinjwe gukorana n'imitweyitwaje intwaro ishyigikiwe na Guverinoma ya Congo mu kurwanya inyeshyamba za M23 zimaze kwigarurira imijyi ikomeye ya Goma na Bukavu.

Ingabo za SAMIDRC zari mu birindiro by'i Goma no mu nkengero zayo ubwo uwo Mujyi wafatwaga zikitanga ku birindiro by'Ingabo z'Umuryango w'Abibumbye zoherejwe mu Butumwa bw'Amahoro (MONUSCO).

Ariko muri Werurwe 2025 Abakuru b'Ibihugu bigize SADC bavuze ko basoje ubwo butumwa bityo icyiciro gikurikiyeho ari icyo gufasha izo ngabo gusubira mu bihugu zoherejwe ziturutsemo.

Muri Mata uyu mwaka, ni bwo u Rwanda rwemeye gutanga inzira kuri izo ngabo n'ibikoresho zitwaje mu rugamba rutari ubutumwa bw'amahoro ahubwo kwari ugufasha Ingabo za RDC gukomeza intambara ishingiye ku moko.

Itangazo ryashyizwe ahagaragara n'Ingabo z'Afurika y'Epfo (SANDF), rigaragaza ko ingabo za SAMIDRC zanyuze mu Rwanda zitegerejwe ku birindiro by'ingabo zirwanira mu kirere bya Bloemspruit bihereyeye i Free State muri Afurika y'Epfo.

Byitezwe ko abo basirikare bavuye bahagera kuri uyu wa Gatanu tariki ya 13 Kamena ahagana saa sita z'amanywa, aho bakirwa na Minisitiri w'Ingabo aherekejwe n'abagize Akanama k'Ubuyobozi bw'Ingabo.

Nyuma y'aho harakurikiraho ikiganiro n'abanyamakuru bahawe ikaze ngo bazakurikirane umuhango wose wo kwakira abo basirikare bamaze igihe kirenga umwaka mu butumwa batashye badasohoje.





# U Rwanda rwanenze abayobozi bavangira urugendo rw'amahoro na RDC

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yanenze bamwe mu bayobozi bakomeje gukwirakwiza mu itangazamakuru inyandiko zikirimo kuganirwaho gutegura amasezerano y'amahoro yitezwe gusinywa hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yanenze imyitwarire ya bamwe mu bayobozi mu gihe bimwe mu bitangazamakuru mpuzamahanga byasohoye amakuru avuga ko bahawe amakuru y'ibikubiye mu busabe bw'ibihugu kugira ngo ayo masezerano ashoboke.

Ikinyamakuru Reuters cyasohoye inkuru ivuga ko hari amakuru cyahawe na bamwe mu bayobozi ba Amerika ko icyo gihugu gisaba "u Rwanda gukura Ingabo muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo mbere y'uko amasezerano y'amahoro abanza gusinywa", nubwo amahanga yose adahwema guhamirizwa ko nta Ngabo z'u Rwanda ziri mu Burasirazuba bwa RDC.

Impuguke mu bya Politiki zigaragaza ko abakoreshejwe mu gukwirakwiza ibyo bihuha ari abanyamakuru basanzwe baharabika u Rwanda mu bitangazamakuru mpuzamahanga bakorera.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko ayo makuru yahawe itangazamakuru agoreka ibyifuzo n'inyandiko z'akazi zikubiye mu mushinga w'amasezerano y'amahoro kandi ashobora gusubiza irudubi ibiganiro by'amahoro bya Washington.

Yagize ati: "Ndizera ko inzego ziri mu biganiro biganisha ku masezerano y'amahoro hagati y'u Rwanda na RDC, zirimo gusohora inyandiko zigoretse z'ibyifuzo n'inyandiko z'ibiganiro mu bitangazamakuru, zizi neza ko zishobora kubangamira intsinzi y'ibiganiro bya Washington."

Ku wa 25 Mata 2025, ni bwo u Rwanda na RDC bashyize umukono ku masezerano y'ibanze y'amahame yasinyiwe agamije gutegura amasezerano y'amahoro azagira uruhare mu kugarura amahoro arambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari no kwimakaza ubutwererane mpuzamahanga bufungurira amarembo Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro.



**Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yanenze imyitwarire ya bamwe mu bayobozi mu kibazo cy'umutekano muri RDC**

Ayo masezerano y'ibanze yari ayo gufasha ibihugu gutangira ibiganiro biganisha ku kuzahura umubano biri ku murongo umwe ku birebana n'ibibazo by'umutekano muke mu Karere.

Ayo masezerano y'ibanze y'amahame akubiyemo kuba u Rwanda na RDC byemeranywa ko ubusugire bwabyo ari ntavogerwa, bityo bikaba byariyemeje gushaka uburyo amakimbirane ahari yakemurwa mu buryo bw'amahoro aho gukoresha ingufu za gisirikare cyangwa kubihoza mu magambo gusa.

Ibihugu byombi kandi byiyemeje ko bigomba kubaha imipaka ya buri gihugu kandi binahamya ko bigiye gukumira ibibazo byose biteza ibibazo byambuka mu bindi bihugu, no kwirinda kwivanga mu bibazo bya buri ruhande.

Nanone kandi, u Rwanda na RDC byagaragaje ko bifite impungenge z'umutekano muke ku mipaka bisangiye maze byiyemeza gufatanya gushaka umuti w'izo mpungenge mu buryo butarengera ubusugire bwa buri gihugu.

Ibihugu byombi byanashimangiye ko amahoro n'umutekano ari ingenzi cyane mu kongera ubucuruzi n'ubutwererane mu by'ubukungu byambukiranya imipaka.

Impande zombi kandi zagaragaje ko zifite ubushake bwo guhangana n'ikibazo cy'imitwe yitwaje intwaro by'umwihariko iyahungiye mu baturanyi ikaba igiteza umutekano muke mu bihugu yaturutsemo, byiyemeza kurekera aho gutanga inkunga mu bya gisirikare.

Ibihugu byombi byemereye i New York kureba uburyo bushoboka bw'imikoranire mu kurwanya iyo mitwe yitwaje intwaro itari iy'Abanyekongo ariko yabonye ijuru rito muri RDC, ikaba irimo n'uwa FDLR uterwa inkunga na Guverinoma ya Congo.

Guverinoma ya Amerika ikomeje guharanira gusinyana amasezerano n'ibihugu byinshi bibonekamo amabuye y'agaciro, imaze igihe irambagiza imikoranire na RDC ishoboka gusa mu gihe icyo gihugu kitakirangwamo intambara n'umutekano muke.

Ni muri urwo rwego, Amerika yafashe inzira yo gutera ingabo mu bitugu gahunda zigamije gushyira iherezo ku mutekano muke wabaye karande mu Burasirazuba bwa RDC, unagira ingaruka ku Rwanda n'ibindi bihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

# Minisitiri Dr Vincent Biruta yaganiriye n'intumwa za OIF ku kibazo cy'umutekano muri RDC

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr Vincent Biruta, yakiriye mu biro bye Amb Berset Kohen uyoboye intumwa z'Umuryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa, OIF, baganira ku ngingo zitandukanye zirimo n'ikibazo cyo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Nk'uko byatangajwe na Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu, Abayobozi bombi baganiriye ku wa Mbere tariki 09 Kamena 2025.



**Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr Vincent Biruta, yakiriye mu biro bye Amb Berset Kohen n'itsinda bari kumwe baganira ku mutekano muri RDC**

Iyi Minisiteri yagize iti: "Intego yari ugusesengura uko umutekano wifashe mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) no kongera ubufasha bw'Umuryango wa OIF utanga ku bikorwa biri gukorwa bigamije guhuza impande zitumvikana."

Intumwa za OIF zigiranye ibiganiro na Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Dr Biruta, mu gihe Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'Ibihugu bikoresha Ururimi rw'Igifaransa, APF, Hilarion Etong, aherutse gutangaza ko icyifuzo cy'abayobozi batandukanye bo muri RDC basabiraga u Rwanda ibihano barushinja uruhare mu bibazo by'umutekano muke muri icyo gihugu no gufasha umutwe wa M23.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko ya Francophonie bagiriye uruzinduko mu Rwanda mu mpera z'Ukwezi gushize kwa Gicurasi, baganira n'abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ku ruhare rwabo mu gushakira hamwe umuti urambye ibibazo by'umutekano mu Karere k'ibiyaga bigari.

Mu kiganiro n'Abanyamakuru bo mu Rwanda, Hilarion Etong, yagaragaje ko icyifuzo cy'abayobozi batandukanye muri RDC gihabanye n'uruhare bifuza kugira mu gukemura ibibazo by'umutekano muke.



Kunyura mu mashuri y'inshuke bitegura abana kuziga neza ibyiciro bindi by'amashuri bikurikiraho

# Abiga mu mashuri y'inshuke bazagera kuri 65% mu 2029- MINEDUC

**NYIRANEZA Judith**

***Amashuri y'inshuke ni yo atanga umusingi ukomeye mu burezi kuko atuma ubwenge bw'abana bukanguka, bigatuma baniga neza ibyiciro bikurikiraho, bityo hakaba hateganywa ko umubare wabo wagera kuri 65%.***

Byagarutsweho ku wa Gatanu tariki ya 13 Kamena 2025, na Minisitiri w'uburezi Nsegimana Joseph, ubwo yatangizaga Inama Rusange y'Uburezi mu Rwanda, igamije kugaragaza ishusho y'uburezi mu mashuri y'inshuke n'abanza bikubiye muri gahunda y'uburezi by'umwihariko muri Gahunda ya 2 y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2) n'icyerekezo 2050.

Yagize ati: "Twari twarafashe icyemezo yuko abana b'Abanyarwanda nibura 45% bajya banyura mu mashuri y'inshuke mbere yo gutangira amashuri abanza, twabigezeho ariko ntibihagije, ni nayo mpamvu ubungubu ingamba nshya twafashe ari uko iyo mibare yazamuka tukagera kuri 65% banyura mu mashuri y'inshuke ngo bazajye batangira amashuri abanza biteguye binatume babasha gutsinda neza."

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana yakomeje avuga ko kugira ngo uburezi burusheho kunozwa mu mashuri y'inshuke, abanza mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cy'amashuri abanza bisaba ko hari ingamba zifatwa.

Mu burezi bw'inshuke yagize ati: "Bireba abana bari hagati y'imyaka 3-5 binabategurira amashuri. Ubu 45% by'abana b'Abanyarwanda ni bo bitabira ishuri, mu myaka 5 iri mbere twifuza kugera kuri 65%. Akamaro kamashuri yinshuke, ubuhsakahas bugaragaza bo bimushyira mu nzira yo gutsinda mu bindi byiciro bikurikiraho."

Yasabye ababyeyi ko abo bana bajya mu ishuri bagahabwa ubumenyi bakeneye ngo batsinde bikanabaha uburyo bwo kwiga mu bindi byiciro.

Minisitiri w'UbureziNsengimana Joseph yakomeje asobanura ko abanyeshuri biga mu mashuri abanza mu cyiciro cya mbere biyongera bigatuma habaho ubucucike mu mashuri.

Ati: "Imibare y'abanyeshuri irushaho kugenda yiyongera, bikagira uruhare mu kugeza uburezi bwiza ku Banyarwanda. Ibyo binatuma ibyumba by'amashuri biba bike, bigateza ubucucike. Ugasanga abana batari bake biga ingunga 2 kugira ngo bose dushobore kubageza mu mashuri."

Mu gukemura ikibazo cy'ubucucike, Leta irarushaho kubaka amashuri.

Minisitiri Nsengimana, agaruka ku cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, yavuze ko aba abategurira kugira amahitamo ageza Igihugu aheza.

Ati: "Icyiciro cya 2 ari yo mashuri mu wa 4, 5, 6 baba bitegura kujya mu yisumbuye bibafasha guhitamo neza kwiga ku bizabageza ku byo bihitoyemo kwiga, bizagira umusingi ukomeye mu burezi. Kubashakira amashuri meza n'abarimu bizaba bifashije kugeza Igihugu cyacu aheza."

Uburezi bufite ireme busaba ko ababyeyi, abarezi n'ubuyobozi bakora mu bufatanye kuko inshingano y'uburezi ari iy'Abanyarwanda bose.

# WASAC Group na TI Rwanda mu guhashya ruswa mu mitangire y'amazi

**ZIGAMA Theoneste**

***Ikigo Gishinzwe Amazi Isuku n'Isukura (WASAC Group) n'Umuryango urwanya ruswa n'akarengane ishami ry'u Rwanda (Transparency International Rwanda-TI RWANDA) ku wa Gatanu tariki 13 Kamena 2025 basinyanye amasezerano y'imikoranire agamije gufatanya mu kurwanya ruswa ikunze kuvugwa mu mitangire ya serivisi z'amazi.***

Ni muri gahunda yo gufasha WASAC Group kurushaho kunoza imitangire ya serivisi no gukorera mu mucyo.

Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete Ishinzwe Gikwirakwiza amazi Isuku n'Isukura (WASAC Utility), muri WASAC Group, Umuhumuza Gisele yavuze ko gukorana na TI Rwanda ari ingenzi kuko izobereye mu guhangana na ruswa.

Yavuze ko hari amakuru y'ingenzi WASAC iba ikeneye ajyanye n'ibyuho bya ruswa bigaragara mu mitangire y'amazi bityo gukorana na TI Rwanda bizatuma ibigeraho vuba.

Yagize ati: "Bisaba ko bigira ukureberera, wa mufatanyabikorwa ukubwira ati nyamara aha, akagukebura. Bigufasha ko isura yawe itandagara kuko utabuze ugukebura. Ni cyo tugamije muri aya masezerano."

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Umuryango Urwanya Ruswa n'Akarengane ishami ry'u Rwanda (TI-Rwanda), Mupiganyi Appolinaire yagaragaje ko ibintu byose bikozwe mu bwiru biba ari ibyuho bya ruswa.

Yagaragaje ko ku bufatanye na WASAC bagiye gukomeza imikoranire mu gusuzuma imitangire ya servisi no kumenya gutahura ibyaha bya ruswa.

Yagize ati: "Dushobora no kureba uruhererekane mu gutanga serivisi muri WASAC, ni hehe hava ibyuho bya ruswa. Kugira ngo nibakora ubugenzuzi bagire ishusho rusange, ku buryo babikumira bakanabigabanya."

KOMEZA KU RUP.13




WASAC Group) n'Umuryango urwanya Ruswa n'Akarengane ishami ry'u Rwanda (Transparency International Rwanda-TI RWANDA) basinye amasezerano y'imikoranire







Hasinywe amasezerano y'ubufatanye hagati ya WASAC Group na TI Rwanda

# WASAC Group na TI Rwanda mu guhashya ruswa mu mitangire y'amazi

IBIKURIKIRA URUP.12

Umuyobozi Mukuru wa WASAC Group, Prof Munyaneza Omar yagaragaje ko gusinyana aya masezerano biri muri gahunda icyo kigo cyihaye yo gukorera mu mucyo.

Ati: "Umuntu wese ukeneye wese ayasabe anyuze mu ikoranabuhanga. Turimo gukorana n'Irembo kugira ngo umuntu ushaka amazi ayasabye atiriwe aza ku biro byacu."

Yunzemo ati: "Mujya mwumva ikibazo tumaze kugira kijyanye na konteri hirya no hino gishobora kudutezamo ruswa, turashaka kugikemura, tugira ngo tubone abantu bazanamo konteri bitanyuze gusa kuri WASAC, n'abo mu rwego rw'ibikorera tubashyiremo, bazana konteri."

WASAC Group yagaragaje ko iteganya gushyiraho abashyiraho za mubazi z'amazi bikorera, bize ibijyanye n'amazi mu mashuri yisumbuye.

Ni gahunda irimo gukorana n'Ikigo cy'Igihugu Gitsura ubuziranenge kugira ngo banoze uburyo bwo kubara ingano y'amazi ikoreshwa.

Muri iyi minsi WASAC ivuga ko ikunze gufata abantu biba amazi, aho bayakoresha adaciye muri mubazi, bigashyira mu gihombo Leta, kuko ayo mazi yibwe atuma habura amafaranga yo kugeza ku bandi amazi akenewe.

Ni mu gihe kandi WASAC ifatanyije na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, bemeranyijwe ko abakozi bayo bafashwe bibye amazi cyangwa batse amafaranga abaturage bagiye kuyabaha, baba bakoze amakosa akomeye kandi atuma birukanwa nta nteguza.

# Nta murwayi uzabura ubuzima kuko yabuze amaraso- RBC

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima, RBC kigaragaza ko u Rwanda rwiteguye guha ubufasha bw'amaso ibindi bihugu byarwiyambaza kandi ko nta murwayi uzigera abura ubuzima mu Rwanda kuko yabuze amaraso kuko ibyo cyabigize indahiro.***

Ni ibyagarutsweho ku wa Gatandatu tariki ya 14 Kamena 2025, ubwo u Rwanda rwizihizaga Umunsi Mpuzamahanga w'abatanga amaraso, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Tanga Amaraso Tanga Icyizere, Twese hamwe Dutabare Abarwayi."

Ku rwego rw'Igihugu wizihirijwe mu Ntara y'Amajgaruguru, mu Karere ka Musanze aho abantu batandukanye batanze amaraso.

Dr. Muyombo Thomas Umuyobozi w' Ishami ryo gutanga amaraso muri RBC atanga icyizere ko nta murwayi n'umwe uzabura ubuzima kuko yabuze amaraso kandi igihugu cyiteguye gufasha abayakeneye aho baba baherereye hose.

Yagize ati:" Nta murwayi n'umwe uzabura ubuzima mu Rwanda kuko habuze amaraso ni ibyo twagize indahiro."

Yongeyeho ko igihugu icyo ari cyo cyose cyakwitabaza u Rwanda gishaka ubufasha rwiteguye kubutanga kuko byava mu myanzuro yafatwa n'ubuyobozi ndetse bigaca mu nzira za dipolomasi bijyanye n'imikoranire y'ibihugu byombi.

Yagize ati: "Ni icyemezo cyafatwa n'ubuyobozi kuko n'ubundi ibihugu bigira uko bikorana biciye mu nzira za dipolomasi. Twebwe turiteguye uwo ari we wese wakenera ubwo bufasha ntabwo twabubura, igihe basaba amaraso ayo kubaha ntabwo twayabura."

RBC igaragaza ko abantu 58.688 batanze amaraso mu mwaka wa 2024, aho urubyiruko rwiganje mu bayatanze, bagize 65.3 % by'abayatanze cyane.

Bamwe mu batanze amaraso bo mu Karere ka Musanze bagaragaza ko bayatangana umutima ukunze kuko baba bazi ko bagiye gukiza ubuzima bwa benshi.

Bemeza ko ibikorwa by'urukundo bidasaba ko uwo ufasha ugomba kuba umuzi kuko na bo bizera ko abazabagirira akamaro atari abo baziranye gusa.

Iradukunda Didier yagize ati: "Njye nafashe umwanzuro wo gutanga amaraso kuko nanjye nayaherewe ubuntu kandi ninyatanga si mfa, mu gihe uri kwa muganga uyakeneye akayabura ashobora gupfa."

Sindayigaya Aime Bella na we avuga ko ajya yumva inkuru z'abantu bagira ibibazo kwa muganga bagakenera amaraso kandi muri abo hashobora no kubamo inshuti ze, akaba ari yo mpamvu yiyemeje kujya ayatanga.

Ati: "Gutanga amaraso biba bikijije ubuzima bw'inshuti zanjye kuko nazo zishobora kurwara zikayakenera. Kuyatanga ni igikorwa cy'urukundo kigirira akamaro abo nzi n'abo ntazi."

Isesengura ry'ibitaro ku kunyurwa n'amaraso yatanzwe, (Hospital Satisfaction), mu mwaka wa 2024 ryagaragaje ko kunyurwa biri ku kigero cya 99.72% , aho mu maraso akenewe atandukanyijwe (blood components units) hari hakenewe 127 198 ariko habonetse 126 837 mu yatunganyijwe yose yatanzwe.

Muri uwo mwaka abatanze amaraso bari hagati y'imyaka 18-25 bangana na 46,1%, abafite imyaka 26–35 ni 19,2%, abari hagati ya 36-45 ni 21,6%, naho kuva kuri 46-60 ni 12,8% mu gihe abafite 61 kuzamura ari 0.2%.



Abantu batanga amaraso, ku buryo nta murwayi wayakenera ngo ayabure

# Inkura z'umweru 70 zinjijwe muri Pariki y'Igihugu y'Akagera

NTAWITONDA Jean Claude

***Inkura z'Umweru 70 zaturutse muri Sfurika y'Epfo zimuriwe muri Pariki y'Igihugu y'Akagera kuri uyu wa Kabiri tariki ya 10 Kamena 2025, muri gahunda y'Ikigo African Parks yo kongera umubare w'inkura muri Afurika.***


Ni gahunda yakozwe ku bufatanye bw'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) ku bufatanye n'Ikigo African Parks icunga Pariki zinyuranye kuri Afurika zirimo n'iy'Akagera.

Inkura zimuwe mu byiciro bibiri aho hagiye hazanwa 35 kuri buri cyiciro buri nyuma y'iminsi itatu. Icyiciro cya nyuma cy'urugendo rw'ibilometero 3.400, izo nkura zatwawe mu makamyo buri wese iri mu gisanduku cyayo, zikurwa muri Pariki ya Munywana zerekezwa ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cyitiriwe Umwami Shaka i Durban muri Afurika y'Epfo.

Zinjijwe mu ndege yo mu bwoko bwa Boeing 747 yazigejeje ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali, zigezwa mueri Pariki y'Igihugu y'Akagera zitwawe n'andi makamyo. Urwo rugendo rwose rwatwaye iminsi ibiri kuri buri cyiciro.

Gahunda yo kongera umubare w'inkura z'umweru muri Pariki y'Igihugu y'Akagera yashobotse ku nkunga y'Umuryango Howard G. Buffet Foundation, intego nyamurkuru ikaba ari iyo gushyigikira ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima mu Karere.

Nanone kandi ni gahunda ifasha kongerera imbaraga umusanzu w'u Rwanda mu kurushaho kubungabunga inkura zo ku Isi, u Rwanda rukaba ruri mu bihugu bikomeje kumurirwamo inkura zisaga 2000 mu byanya birinzwe kandi bitekanye byo ku Mugabane w'Afurika.



Pariki y'Igihugu y'Akagera yongewemo inkura z'umweru 70

Ubuyobozi bwa RDB buvuga ko ibyo bizatuma hiyongera umubare w'inkura z'umweru zo mu majyepfo, hanagabanywa ibyago byokuba zacika mu rusobe rw'ibinyabuzima.

Mu mwaka wa 2021, Ikigo African Parks cyazanye inkura z'umweru zo mu majyepfo 30 muri Pariki y'Igihugu y'Akagera, bituma inkura zo muri Pariki y'Akagera zigera kuri 41 zariho uyu munsi.

Kuzana izindi 70 byitezweho gutanga umusanzu ukomeye mu kongera ingano yazo no kuzafasha kozagurira no mu bindi bice byo ku mugabane uko zizagenda zororoka.

Jean-Guy Afrika, Umuyobozi Mukuru wa RDB, yavuze ko icyo gikorwa gishimangira imbaraga u Rwanda rushyira mu musanzu warwo wo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

Ati: "Ukwiyemeza kwacu mu kurinda inyamaswa ziri mu kaga ko kuzima ishingiye ku cyerekezo cyacu kurambye cy'ubukerarugendo, aho aho ibinyabuzima by'ishyamba n'ibyanya birinzwe nka Pariki y'Igihugu y'Akagera byongera agaciro ko kutuzanira abashyitsi bikanungura imiryango. Iyi ntambwe yongera ukwiyemeza k'urwanda mu kurinda ibyanya bikomye ndetse n'isura y'Igihugu yo kuba icyerekezo cy'ubukerarugendo bushingiye ku kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima."

Yakomeje ashima abafatanyabikorwa bakomeje kugaragaza ubufatanye n'u Rwanda mu kurushaho kubungabunga umutungo kamere w'Afurika.

Peter Fearnhead, Umuyobozi Mukuru wa African Parks, yashimiye ubufatanye na Guverinoma y'u Rwanda n'icyerekezo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije.

Yashimiye kandi inkunga y'Umuryango Howard G. Buffett Foundation yatumye intambwe yo kwimura izo nkura zivuye muri Afurika y'Epfo ishoboka.

Yagize ati: "Kugeza izi nkura mu Kagera ni intangiriro y'ubu bufatanye mu kubungabunga ibidukikije. Hari ibyago byinshi bigihari, ariko kuba izi nyamaswa zigeze muri Pariki y'Igihugu y'Akagera zigize amahirwe yo kubaho neza kuko zirinzwe n'abayobozi ba Pariki bafite umurava."

Yongeyeho ko mu mezi make ari imbere hazatangira gahunda yo gukurikirana imibereho mishya y'izo nkura mu gushimangira ko zimenyera ubuturo bushya.



Hazanywe izindi nkura 70

Dale Wepener, uyobora Pariki ya Munywana yakuwemo izo nkura, yavuze ko ubufatanye nk'ubu mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima ari ingenzi mu guharanira ko inyamaswa ziri mu kaga ko kuzima zikomeza kubaho.

Ati: "Dutewe ishema no kuba twabashije korohereza igice cy'uyu mushinga kuko urimo ibikorwa byinshi bijyanye no kubungabunga ibidukikije, no gutanga ubufasha mu kugeza amoko mashya y'inyamaswa. Pariki ya Munwana yiteguye gukomeza kubaka ubufatanye burambye nk'ubu mu kurushaho gufata neza mubumbe wacu."

Icyanya gikomye cya Munywana Conservancy cyashinzwe ku bufatanye bw'imiryango yita ku kubungabunga ibidukikije, muri iyo miryango hakaba harimo Makhasa Community Trust, the Mnqobokazi Community Trust, andBeyond Phinda na ZUKA Private Game Reserves.







Gutanga amaraso ni ugutanga ubuzima

# Abarenga ibihumbi 58 mu Rwanda batanze amaraso mu 2024

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) cyatangaje ko abantu 58 688 batanze amaraso angana n'udusashi 84 383 mu mwaka wa 2024, aho urubyiruko rwagize ubwiganze bwa 65.3 % mu bayatanze cyane.***

RBC igaragaza ko urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-25 rungana n'abantu 8 322 bihariye 65.3 % by'amaraso yose yakusanyijwe.

Raporo ya 2024 y'Ishami rishinzwe gutanga amaraso muri RBC (NCBT/ National Center for Blood Transfusion) igaragaza ko ayo maraso yakusanyijwe ku masite 606 atandukanye harimo ayo ku bigo by'amashuri, ahasanzwe hatangirwa amaraso, mu bindi bice by'ibyaro n'ahandi hatandukanye.

Mu maraso yakusanyijwe uko ari 84,383, abagabo bayatanzemo 59,394 ni ukuvuga 70.39% mu gihe abagore batanze 24,989 angana na 29.61%.

Zimwe mu mpamvu zigaragazwa zituma abagore badatanga cyane amaraso harimo izijyanye no gutwita, imihango, konsa n'izindi zitandukanye zibazitira.

Abatanze amaraso bari hagati y'imyaka 18-25 bangana na 46,1%, abafite imyaka 26–35 ni 19,2%, abari hagati ya 36-45 21,6%, naho kuva kuri 46-60 ni 12,8% mu gihe abafite 61 kuzamura ari 0.2%.

Isesengura ry'ibitaro ku kunyurwa n'amaraso yatanzwe, (Hospital Satisfaction) mu 2024 muri rusange ryagaragaje ko kunyurwa biri ku kigero cya 99.72%, aho mu maraso akenewe atandukanyijwe,( blood components units) hari hakenewe 127,198 ariko habonetse 126,837 mu yatanganyijwe yose yatanzwe.

RBC isaba abantu bose cyane cyane urubyiruko gutanga amaraso ku bushake mu rwego rwo kurokora ubuzima bw'abayakeneye.

# Hatewe inturusu nshya zihariye mu gufata imyuka ihumanya ikirere

NYIRANEZA Judith

***Mu Karere ka Gicumbi hatewe ubwoko bushya butatu bw'inturusu zifite ubushobozi bwihariye mu gufata imyuka ihumanya ikirere kandi butanga umusaruro.***

Umukozi w'ikigega gitera inkunga imishinga y'ibidukikije, FONERWA muri Green Gicumbi ushinzwe Ishami ryo gucunga amashyamba ku buryo burambye no gukoresha ingufu ku buryo burambye, Ntawukirabizi Innocent yasobanuye uburyo izo nturusu zifata imyuka ihumanya ikirere, bigafasha guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Yagize ati: "Hazanywe inturusu nshya ziri mu moko atatu, harimo Eucalyptus GU7, GU8 na GC555 ni ubwoko bw'inturusu bwabonetse mu buryo bwo kuvanga amoko y'inturusu.

Eucalyptus GU7 na GU8 zabonetse havanzwe izo bita Eucalyptus saligna na Eucalyptus grandis zitanga inturusu ikura vubanaho GC555 yabonetse havanzwe Eucalyptus saligna na Eucalyptus camaldulensis."

Yakomeje asobanura umwihariko wazo mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Ati: "Ni inturusu zazanywe na Green Gicumbi, icyo zihuriyeho ni uko zikura vuba, zitanga umusaruro uri hejuru ugereranyije n'andi moko y'inturusu dufite, zigahangana n'ibibazo bijyanye n'imihindagurikire y'ibihe, zikura zigororotse ku buryo zishobora kuvamo ibikomoka ku mashyamba byo mu byiciro bitandukanye, havamo amapoto, ibiti byo kubazamo imbaho, ibyo kubakishwa n'ibivamo ibicanwa."

Yongeyeho ati: "Ikindi cy'umwihariko bifite amababi n'amashami ahagije bifite ubushobizi bwo gufata imyuka ihumanya ikirere ku rwego rwo hejuru, ni ukuvuga kumira imyuka myinshi.

Ibi biti byatewe ngo Abanyarwanda babone ko hari ubundi buryo bushoboka bwo kubona ibikomoka ku mashyamba ku rwego rwo hejuru."

Ntawukirabizi yavuze ko ibyo byatumye uruganda rw'icyayi rwa Mulindi rwarahise rufata gahunda yo gusazura rutera ubwo bwoko bw'inturusu.

Yasobanuye kandi ko hafi yo mu Maya, hari umurima wo gutuburiramo imbuto ndetse hadakoreshwa umurama mu kubona ingemwe, ahubwo hakoreshwa udushami duto ngo bwa bwiza, ya miterere y'ubwo bwoko idahinduka kuko iyo hakoreshejwe imirama ziba zishobora kubangurirana.

Izi nturusu zatewe kuri hegitari 10 ni nabwo bwa mbere byatewe, bigasarurwa bitewe n'icyo umuntu abishakamo. Ushaka ipoto ni mu myaka 10 bitewe n'umubyimba w'ipoto ikenewe, inini, iziringaniye, ibyo kubaza kimwe n'ibyo kubaka.

Mu Karere ka Gicumbi, umushinga Green Gicumbi, hegitari zirenga 2 050 z'amashyamba zaravuguruwe, hakoreshejwe ingemwe nziza kandi zihanganira ingaruka zikomoka ku mihindagurikire y'ibihe.



Ubwoko bushya bw'inturusu bugira amababi menshi agira uruhare mu gufata imyuka ihumanya ikirere



Intumwa za OIF zasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali

## Intumwa z'Umuryango OIF zibukije ko kubana mu mahoro biri mu ndangagaciro zawo

**KAYITARE Jean Paul**

***Intumwa z'Umuryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa (OIF) zari ziyobowe na Amb Berset Kohen zasoje uruzinduko zagiriraga mu Rwanda, zibutsa ko kubana mu mahoro ari imwe mu ndangagaciro z'ingenzi z'Umuryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa.***

Zabigarutseho ku wa Kabiri tariki 10 Kamena 2025, ubwo zasuraga Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruruhukiyemo imibiri y'Abatutsi irenga 250 000 bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Izi ntumwa z'Umuryango OIF zunamiye abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bashyira indabo ku Rwibutso.

Ubutumwa bwa OIF buri ku rubuga rwayo rwa X bwibutsa ko 'Kubana mu mahoro ari imwe mu ndangagaciro z'ingenzi z'Umuryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa.'

Umuryango wa OIF wavuze ko intumwa zawo zasoje ubutumwa zari zirimo mu Rwanda.

Wavuze kandi ko izi ntumwa zagiranye ibiganiro n'inzego nkuru z'ubuyobozi bw'u Rwanda ndetse n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga.

Wagize uti: "Ibiganiro byibanze ku bibazo biri mu Karere ndetse n'inzira y'ibiganiro by'ubuhuza bikomeje ku mpande zitumvikana."

Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu yagiranye ibiganiro n'izi ntumwa ku wa Mbere tariki 09 Kamena 2025, yatangaje ko intego yazo yari ugusesengura uko umutekano wifashe mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) no kongera ubufasha bw'Umuryango wa OIF utanga ku bikorwa biri gukorwa bigamije guhuza impande zitumvikana.

Izi ntumwa z'Umuryango OIF zisoje ubutumwa zarimo mu Rwanda, mu gihe abagize Inteko Ishinga Amategeko ya Francophonie na bo baherutse mu Rwanda mu mpera z'Ukwezi gushize kwa Gicurasi, aho baganiriye na bagenzi babo bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ku ruhare rwabo mu gushakira hamwe umuti urambye ibibazo by'umutekano mu Karere k'ibiyaga bigari.

Mu kiganiro n'Abanyamakuru bo mu Rwanda, Hilarion Etong wari uyoboye bagenzi be, yagaragaje ko icyifuzo cy'abayobozi batandukanye muri RDC gihabanye n'uruhare bifuza kugira mu gukemura ibibazo by'umutekano muke.

# U Rwanda rwahagarariwe mu Nama yiga ku mutekano w'Afurika

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yahagarariwe mu nama ya 12 yiga ku mutekano w'Afurika iteraniye i Addis Ababa muri Ethiopia, aho inzego zitandukanye zabonye amahirwe yo kuganira ku hazaza h'umutekano urambye ku mugabane w'Afurika.***

Itsinda ryahagarariye u Rwanda rigizwe n'Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda Brig Gen Ronald Rwivanga, Uhagarariye inyungu z'u Rwanda mu bya gisirikare muri Ethiopia, Djibouti no mu Muryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) Lt Col David Sangani n'Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga (IMC) muri Minisiteri y'Ingabo (MoD) Lt Col Eugene Ruzindana.

Iyo nama yatangiye ku wa Kabiri tariki ya 10 ikazageza ku wa Kane ku ya 12 Kamena, iribanda ku ruhare rw'ubufatanye bwa Leta n'abikorera mu kwimakaza umutekano w'Igihugu n'Akarere, guteza imbere iyubahirizategeko no gushyigikira ibikorwa bya gisirikare n'ibyimakaza amahoro.

Ingingo z'ingenzi ziganirwaho zirimo izirebana n'umutekano wambukiranya umupaka, kurwanya iterabwoba, ibisubizo by'ibikoresho bya gisirikare n'ikiranabuhanga mu kwimakaza imiyoborere myiza.

Abitabiriye iyo nama barasaga 300 bakaba barimo abayobozi bo mu nzego zo hejuru za gisirikare mu bihugu bitandukanye, abahagarariye inzego za Guverinoma, abayobozi b'inganda n'imiryango itegamiye kuri Leta bateraniye hamwe kugira ngo baganire ku gushaka ibisubizo bishya byafasha gukemura ibibazo by'umutekano byabaye ingorabahizi muri Afurika.

Muri iyo nama kandi harimo kubera uburyo bwo guhuza inzego z'ibihugu bugamije kubafasha kurushaho kwimakaza ubufatanye mu bya gisirikare buanga umusaruro.

Hari ibigo binyuranye bikora ibikoresho bya gisirikare byagiye kugaragaza udushya bikora mu gushaka ibisubizo by'ibibazo by'umutekano, intego ikaba ari iyo guhuza inzego zose go zishakire hamwe ibisubizo birambyemu Karere.

Iyo nama ibaye mu gihe mu bihugu bitandukanye by'Afurika hakomeje kugaragaramo ibibazo by'umutekano muke, iby'iterabwoba ndetse n'imiyoborere mibi oirushaho kongera icyuho mu gushaka ibisubizo birambye.

Mu Karere k'ibiyaga Bigari u Rwanda ruherereyemo, ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kimaze imyaka irenga 30.

Ibibazo bya RDC bigira ingaruka zikomeye ku bihugu by'abaturanyi birimoo n'u Rwanda kuko mu mitwe yitwaje intwaro irenga 130 ibarurwa muri icyo gihugu harimo n'uwa FDLR washinzwe n'abakurikiranyweho Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Mu nama yiga ku mutekano w'Afurika, u Rwanda rwahagarariwe

Kugeza n'uyu munsi hakomeje gushakwa uko ibyo bibazo byakemurwa, binyuze mu bufatanye bw'Akarere n'ubufasha butangwa n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga nka Qatar n'Amerika.

Mu batanga ibiganiro harimo abayobozi boherejwe n'Umuryango w'Abibumbye, abavuye muri AU, abahagarariye imiryango iharanira amahoro n'umutekano mu Karere, abanyamabanga Bakuru n'abayobozi b'Akarere, abagaba b'ingabo ndetse n'impuguke mu bya Politiki ziturutse mu bice binyuranye by'Afurika.

Muri abo bavuga harimo abahagarariye u Rwanda, Ethiopia, Kenya, Zambia, Angola, Afurika y'Epfo, Ghana, Djibouti, Lesotho, Madagascar, Nigeria, Namibia, Sudani y'Epfo, Senegal, Tanzania, Uganda, mu Muryango w'Ibihugu wo gutabarana w'u Burayi n'Amerika (NATO), tabaturutse mu Muryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) n'abandi.

Iyo nama iyobowe na Air Commodore David Anetey Akrong ukomoka muri Ghana, akaba Umuyobozi w'Ikigo Mpuzamahanga gitanga amahugurwa ku kubungabunga amahoro cyitiriwe Kofi Anan (KAIPTC).





# Amajyaruguru: Ikibazo cy'umusaruro w'imboga wangirikaga kigiye kuvugutirwa umuti

**KAYITARE Jean Paul**

***Abahinzi b'imboga n'imbuto bo mu Ntara y'Amajyaruguru baravuga ko umusaruro wabo wangirikiraga ku muhanda biturutse ku bwinshi bw'umusaruro hakiyongeraho kubura abaguzi, kuri ubu bizeye ko ikibazo cy'iyangirika ry'umusaruro kigiye kuvugutirwa umuti.***

Nyirantibibuka Annonciata ubarizwa muri Koperative Hagurukana Umwete ihinga imboga n'imbuto mu Karere ka Musanze mu Murenge wa Muko, asobanura uko umusaruro wabo wangirikaga.

Agira ati: "Bidutera igihombo iyo wasaruye imboga zikamara kabiri zitagurishijwe ubwo igihombo kiba kinjiye ariko wagize amahirwe ukagira aho uzibika ntabwo zahomba n'ejo wazigurisha nta kibazo zigize.

Twagiraga ikibazo cy'umusaruro tukeza ariko ntitubone aho tugurisha."

Akomeza avuga ko ikibazo bari bafite kigiye kubonerwa umuti bityo ko isoko bazubakirwa mu cyanya cy'inganda i Masoro rizaba ari igisubizo ku bahinzi b'imboga n'imbuto.

Ati: "Iri soko rizadufasha kugira umusaruro urambye kuko niba imboga zimara kabiri, zikaba zizamara nk'icyumweru ntabwo wa musaruro wasubira inyuma kuko twanazigurisha zimeze neza."

Uwanyagasani Jeannette wo mu Murenge wa Gashenyi mu Karere ka Gakenke, yahamirije Imvaho Nshya ko umusaruro wababoreragaho.

Ati: "Umusaruro watuboreragaho kubera ko tutari twakarebye kure."



Isoko rigiye kubakwa rizakemura ikibazo cy'umusaruro wangirikaga

Tuyishime Yvonne wo mu Karere ka Rulindo mu Murenge wa Bushoki akaba ari umuhinzi w'imboga, na we ahamya ko umusaruro w'imboga wabangirikiragaho.

Agira ati: "Twebwe dukorera mu matsinda, umusaruro wangirikaga wabaga ari nk'ibiro nka 400 cyangwa 500 kuko ntabwo imboga bari bakamenye kuzirya cyane."

Akomeza avuga ati: "Twari dufite umusaruro ukangirika kubera ko tutari dufite abaguzi ariko umushinga Kungahara waje kubona abaguzi byaroroshye."

Eddy Frank Rugamba, umuyobozi wa kimwe mu bigo bishyira mu bikorwa imwe mu mishinga ya Kungahara iterwa inkunga n'Umuryango w'*Ubumwe bw*'Ibihugu by'u Burayi (EU), ahamya ko mu gihe gishize habagaho itakara ry'umusaruro.

Agira ati: "Cyane cyane muri uru ruhererekane nyongeragaciro rw'imbuto, imboga n'ibirayi habaho ikibazo cy'itakara ry'umusaruro mwinshi aho imibare itwereka ko kugeza ku kigero cya 30% cy'umusaruro watakaraga."

Guverineri w'Intara y'Amajyarugu, Mugabowagahunde Maurice, yavuze ko umushinga Kungahara uterwa inkunga na EU mu guteza imbere ubuhinzi bw'imboga n'imbuto n'ubuhinzi bw'ibirayi, hari ibyo ugiye gukemura nko gushakira isoko abahinzi.

Ati: "Hari ubwo tuba twagize umusaruro mwiza ariko ugasanga bitubereye ikibazo, ugasanga umuturage za mvune yashyizemo bitumye umusaruro we awugurishije ku mafaranga make.

Ariko nanone tukabona mu mibare umusaruro w'imboga n'imbuto wangirika vuba, tukifuza gufata ingamba zituma abahinzi bacu bahinga, bakihaza mu biribwa bagasagurira n'amasoko ariko n'umusaruro ntubapfire ubusa."

Isoko ryitwa Kigali Whole Sale Market (KWSM), rizubakwa mu buryo bugezweho, Guverineri Mugabowagahunde avuga ko rizaba igisubizo ku musaruro w'imboga n'imbuto wangirikiraga ku muhanda.

Ati: "Iri soko rishya rirebana n'imbuto n'imboga rizadufasha kujya tunahana amakuru, tukamenya niba Musanze cyangwa Burera twejeje ibitunguru byinshi kandi mu tundi Turere nka Ngoma cyangwa Kirehe babikeneye ayo makuru tuyamenye, dushakire abaturage bacu isoko ariko tunagire ikoranabuhanga ridufasha kuba twabika umusaruro mu gihe kirambye kandi ubitse neza kugira ngo udakomeza kwangirika."

Emmanuel Kayitana, umuyobozi wa FXB Rwanda, asobanura ko umushinga Kungahara ugamije kongera umusaruro no gufasha Abahinzi ku buryo ibyangirika nyuma y'umusaruro biba bikeya.

"Ikigenderewe kirushijeho ni ukugira ngo umusaruro ubone isoko. Ku muhanda habaga hari ibitunguru byeze ariko byabuze ababigura ku gihe, mukabona kaloti zeze mu bice bya Nyabihu, zeze ariko nta baguzi bafite bahagije.

Iri soko rero dushaka ngo abahinzi bose babone, ni isoko ryizewe noneho ryo kugira ngo ibizahingwa byose byongerewe ubwiza bibashe kugera ku isoko kandi bizeye ibiciro byiza kubera ko bazaba bafitanye amasezerano na rya soko."

Christophe Ayabagabo, Umukozi ushinzwe ibikorwa muri Kilimo Trust by'umwihariko akaba ari umuyobozi w'Umushinga Kungahara mu Karere ka Musanze na Nyabihu, avuga ko bashaka gukemura ikibazo cy'iyangirika ry'umusaruro bijyanye nuko abahinzi bakorera hamwe.

Ati: "Twifuza ko abahinzi barushaho kwibumbira hamwe bityo umusaruro wabo ukabasha kuboneka ari mwinshi kandi ukaboneka bakawugiraho n'ijambo."

Isoko ryitwa Kigali Whole Sale Market (KWSM), rizubakwa mu buryo bugezweho rigatwara Miliyoni 46 z'ama Euro (asaga Miliyari 65Frw), rizubakwa i Masoro mu Mujyi wa Kigali, rikazaba rifite ubushobozi bwo kwakira Toni ziri hagati y'ibihumbi 260 na Toni ibihumbi 350 z'umusaruro, ungana na 70% by'Imboga n'Imbuto biribwa mu Mujyi wa Kigali.




Tuyishime Yvonne wo mu Karere ka Rulindo mu Murenge wa Bushoki na we ahamya ko umusaruro w'imboga wabangirikiragaho



Ahubatse Umudugudu wa Kaniga hasigaye ari aho gukirira mu gihe hahoze ari 'akanigiro'

# Gicumbi: Ahari 'Akanigiro' habaye 'Agakiriro'

NGABOYABAHIZI Protais

***Abatuye mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Kaniga mu Karere ka Gicumbi barishimira impinduka zagaragaye mu buzima bwabo nyuma yo kuva mu manegeka n'ahantu hateraga ubwoba. Ubu baravuga ko ahahoze "akanigiro" habaye "agakiriro" ahantu h'amahoro, iterambere n'icyizere.***

Mu Kagari ka Mulindi, Umurenge wa Kaniga, hari agace kazwi n'abahatuye hambere nk' "Akanigiro", ngo ari n'aho izina Kaniga ryaba ryarakomotse. Ni izina ryaturutse ku bwoba n'akaga byahiganje mu bihe byashize, ibi bikaba bigaragazwa n'ubuhamya abatujwe muri uyu mudugudu bitangira.

Hari ahantu habaga amashyamba y'inzitane, abantu batinyaga kuhatura, abandi bakahanyura bucece. Nyamara, uko imyaka yagiye ihita, hafashwe icyemezo cyo guhindura amateka yaho. Ubu, aka gace abari barakandagiwe n'amateka mabi baratuje mu Mudugudu w'icyitegererezo wa Kaniga, bubakiwe inzu zigezweho, batuye mu mutekano n'amahirwe y'iterambere.

Mukabahizi Joyeuse, w'imyaka 58, ni umwe mu baturage batujwe muri uwo Mudugudu, avuga ko bavuye mu mwijima bakaza mu rumuri.

Yagize ati: "Twabayeho mu buzima buteye impungenge, inzu zacu zubatse munsi y'imikingo, dutura mu manegeka kubera kubura aho tujya, tunatinya abagizi ba nabi. Aha Kaniga bahitaga Akanigiro kuko bahakorera ibikorwa biteye ubwoba. Ariko ubu ndahumeka, ndatuje. Mfite inzu nziza, iki gikoni, amazi meza n'amatungo. Ubu mbayeho neza, Akanigiro kabaye Agakiriro."

Uretse gutuzwa neza, Mukabahizi avuga ko yashimishijwe cyane n'uburyo babaye hamwe, bakaba barigishijwe uburyo bwo kubana neza, gusangira amahirwe no gushyira hamwe nk'abaturage.

Muragijimana Josiane, Umukuru w'Umudugudu wa Kaniga, avuga ko mbere y'uko yimurirwa aha, yari atuye ahantu hageramiwe n'ibiza, we yita ko yari atuye hafi y'urupfu, ariko kuri ubu ngo abayeho mu mutekano n'umunezero.

Yagize ati: "Mu gihe cy'imvura, nari mbayeho nabi ndara mpagaze, natinyaga ko inzu ishobora gusenyuka. Ariko ubu nabonye amahoro. Natujwe mu nzu ifite ibikoresho byose by'ibanze, harimo ibiribwa, amazi, ndetse n'amatungo. Twavuye mu buzima bw'amakuba, twinjira mu buzima bw'amahirwe."

Avuga ko kuba batuye hamwe byatumye barushaho gusabana, kubaka ubumwe no kugira imibanire ishingiye ku bwuzuzanye, bityo iterambere riza rishingiye ku bumwe, ikindi ngo ni uko Kaniga ari hamwe mu irembo ryo kubohora u Rwanda.

Yagize ati: « Impamvu tuvuga ko hano ari mu gakiriro nanone ni uko ariho Inkotanyi mu gutangiza urugamba rwo kubohora u Rwanda ari hamwe zinjiriye kugera hano hano hakurya ku Mulindi ari nacyo gicumbi cyo kubohora u Rwanda.»

Umudugudu w'icyitegererezo wa Kaniga wubatswe n'umushinga Green Gicumbi, ugamije kwimura abaturage bari batuye mu manegeka n'ahandi haterwa n'ibiza. Wubakiwe imiryango 60 igizwe n'abantu 267, bakaba barahawe inzu zifite ibikoresho byose by'ibanze, amatungo magufi, n'uburyo bwo kubona amazi meza n'isuku ihagije.

Izi nzu zubatswe mu buryo bubungabunga ibidukikije, hakoreshejwe ibikoresho bitangiza ikirere, nko gukoresha amabati adashyushya inzu, ndetse no gukoresha ingufu zisubira.



Urwego rw'Umuvunyi rusaba abantu kutihutira mu nkiko ndetse abunzi bakirinda kubogama

# Nyagatare: Abunzi basabwa kutabogama igihe bakiza abaturage

HITIMANA Servand

***Urwego rw'Umuvunyi rukangurira Abunzi kujya bunga abaturage neza, birinda ruswa no kubogama, kuko bidindiza iterambere ry'abaturage, bikanarushaho guhembera amakimbirane.***

Uru Rwego rwabigarutseho ku ya 9 Kamena 2025, ubwo Abunzi bo mu Karere ka Nyagatare bari mu mahugurwa agamije kubereka ububi bw'akarengane na ruswa.

Umuvunyi Mukuru Wungirije, Mukama Abbas yabwiye abari muri izo nshingano z'ubwunzi ko umurimo bakora ari uw'agaciro, ari yo mpamvu bakwiye kutagendera ku marangamutima, ikimenyane na ruswa.

Ati: "Izi nshingano murimo, mufasha mu gutanga ubutabera, igikomeye ni uburyo mubikoramo bigaragarira no mu izina mwahawe mukitwa Abunzi. Ni ukunga ariko urengana akarenganurwa. Murasabwa rero kwitwararika mukirinda kubogama, mugaharanira kurwanya akarengane aho kava hose."

Akomeza agira ati: "Kuba Urwego rwanyu rwegereye abaturage kandi n'itegeko rikaba risaba ko ibibazo biri mu bubasha bwanyu bibanza kubaca mu biganza, bivuze ko mutagize ubunyangamugayo, mukagira abo murenganya mubigambiriye byarushaho kuzamura amakimbirane n'ubushyamirane hagati y'abo mwagafashije.

Ni muri urwo rwego rero twifuje kubahugura kugira ngo twibukiranye inshingano zanyu murusheho kuzinoza mwirinda ruswa n'akarengane."

Bamwe mu Bunzi bo mu Karere ka Nyagatare, baganiriye na Imvaho Nshya, bagaragaza ko bungukiye byinshi mu biganiro bagiranye n'Urwego rw'Umuvunyi bigamije kubongerera ubumenyi ku gukumira ruswa n'akarengane.

Gashabe Georgy waturutse mu Murenge wa Katabagemu yagize ati: "Twungutse byinshi birimo gusobanurira abaturage bakagira ubumenyi ku itegeko rirebana n'ibyo bafitiye uburenganzira. Twibukijwe kandi kwirinda kuba twagwa mu mitego ya ruswa, kuko usanga hari abatugana bafite ako kayihayiho ko kuba bakwiherera mbere yo kubahuza n'abo bagiranye ibibazo. Aya mahugurwa rero navuga ko ari ingenzi cyane."

Uwamahoro Claudine wo mu Murenge wa Rukomo ayobora Abunzi mu Kagari ka Rurenge, yagize ati: "Impamba dukuye aha tugiye kuyisangiza bagenzi bacu dukorana. Tubashishikariza kwirinda kuba bagwa mu kwakira indonke z'urega cyangwa uregwa kuko bihabanye n'inda agaciro zacu ndetse n'imirimo twahamagariwe."

Ubushakashatsi bwakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere RGB mu mwaka wa 2024 bwerekeye uko abaturage babona ruswa mu nzego na serivisi zitandukanye bugaragaza ko Abunzi baza ku mwanya wa 4 aho ruswa igaragara ku kigero cya 21.5%.





# Rutsiro: Umuvunyi yashishikarije abantu kwimakaza ubuhuza mu gukemura ibibazo

KWIZERA Jean de Dieu

***Urwego rw'Umuvunyi rushishikariza abaturage kwifashisha ubwunzi n'ubuhuza mu gukemura ibibazo aho kwihutira kujya mu nkiko kuko bituma bahatakariza amafaranga bagakoresheje mu bindi bibateza imbere.***

Byagarutsweho ku wa Mbere tariki ya 9 Kamena 2025, ubwo urwo Rwego rwaganiriye n'abaturage bo mu Karere ka Rutsiro, mu Murenge wa Murunda, Akagari ka Kirwa, Umudugudu wa Kajugujugu, rubasaba kwimakaza ubuhuza aho gushyira imbere imanza kuko zitwara byinshi birimo umwanya n'amafaranga zikanabiba inzangano.

Abo baturage basobanuriwe impamvu kwihuza bo ubwabo bakikemurira ibibazo n'amakimbirane ari inzira nziza ibaganisha ku iterambere no kubaho neza kuko amafaranga bagakoresheje muri zo ashobora gukora ibindi bibafasha.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Umuvunyi Nirere Madeleine, yasabye abaturage kwikemurira ibibazo biciye mu bwunzi n'ubuhuza hatabayemo kujya mu nkiko ku buryo Abunzi bashobora kurangiza amakimbirane.

Yagaragaje ko kandi u Rwanda rushyize imbere ubuhuza bwibanda ku muturage utekanye kandi utuje udafite uwo bahanganye agaragaza ko gukemura ibibazo binyuze mu buhuza bidahenze nko kujya mu manza.

Yagize ati: "Bahoze bavuga ibibazo bitandukanye hano, ariko nta kitagira igisubizo, bikemurwa rero no kuganirira mu muryango, bikemurwa no kubahana na koroherana kuko koroherana ni ikintu gikomeye cyane. Nta bworoherane nta kintu cyagerwaho."

Yakomeje agira ati: "Ndashaka kubabwira ko ibibazo by'amakimbirane bigomba gukemurwa mu buryo bwiza biciye mu bwunzi n'ubuhuza kuko ni ho turi gushyira imbaraga cyane kurenza ko byaba nk'Urukiko."



Abaturage bahamya ko gukemura ibibazo binyuze mu bwunzi n'ubuhuza ari byo byiza kuruta kuyoboka inkiko

Yagaragaje ko ibyo Urwego rw'Umuvunyi ruri gushyiramo imbaraga harimo no guhugura abunzi kugira ngo icyemezo cy'Abunzi kijye kirangirira ahongaho, ibitakemukiye mu nama y'umuryango, byikemukire mu bunzi".

Abaturage bagaragaje ko banyuzwe n'impanuro z'Urwego rw'Umuvunyi bahawe ndetse biyemeza gukurikiza ubwunzi kuko basanze hari ubwo bishoraga mu manza zidakomeye.

Uwitwa Rukara Anaclet yabwiye Imvaho Nshya ko yafashe umwanzuro wo kujya ahera mu muryango ikibazo cye aho guhita ajya mu manza mu gihe cyose yagira uwo bagongana.

Yagize ati: "Twishimiye impanuro duhawe kuko ni n'ingenzi cyane by'umwihariko ku buhuza kuko abantu babana ntabwo babura ibyo bapfa rimwe na rimwe binakomeye bakajyanana mu nkiko kandi nyamara hari uburyo ibyo bintu byari bikwiriye guca mu nzira nziza tunyuze mu buhuza bw'umuryango ndetse n'Abunzi."

Yavuze atazongera kwihutira kurega umuntu atabanje gushaka uko bahuzwa kandi azanabyigisha na bagenzi be batari bahari.

Marcelline Iyingamiye we yagize ati: "Nagiranye ikibazo n'umuntu turaburana tugera mu nkiko biranga, utsinzwe akajurira, utsinzwe akajurira ariko bigeze nyuma tuza guhuzwa n'umuntu umwe mu muryango, aratwunga turongera turahura birakunda ubu tubanye neza."

Yongeyeho ati: "Iyi nama twahawe rero ni ingenzi. Bakoze kudukebura kandi nzi neza ko buri wese agiye gutangira gukoresha iyo nzira y'ubuhuza kuko njye ndi umuhamya wayo."

Umuvunyi Mukuru, Nirere Madeleine, yagaragaje ko u Rwanda rushyize imbere ubuhuza bw'ibanda ku muturage utekanye kandi utuje, ibibazo bigakemurwa binyuze mu buhuza bidahenze nko kujya mu manza.

Yagize ati: "Bahoze bavuga ibibazo bitandukanye hano, ariko nta kitagira igisubizo, bikemurwa rero no kuganirira mu muryango, bikemurwa no kubahana na koroherana kuko koroherana ni ikintu gikomeye cyane. Nta bworoherane nta kintu cyagerwaho."

Yakomeje agira ati: "Ndashaka kubabwira ko ibibazo by'amakimbirane bigomba gukemurwa mu buryo bwiza biciye mu bwunzi n'ubuhuza kuko ni ho turi gushyira imbaraga cyane kurenza ko byaba nk'urukiko."



Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine yagaragaje icyiza cy'ubuhuza aho kujya mu nkiko

Yagaragaje ko ibyo Urwego rw'Umuvunyi ruri gushyiramo imbaraga harimo no guhugura abunzi kugira ngo "Icyemezo cy'Abunzi kijye kirangirira ahongaho, ibitakemukiye mu nama y'umuryango, bikemukire mu bunzi."

Umuvunyi Mukuru, Nirere yavuze ko ibibazo byose hamwe bakiriye ari 56 birimo 34 by'ingurane aho basabye Ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro kubarira abaturage imitungo yabo no kwihutisha gahunda yo kwishyura abatari bushyurwa.

Ku bibazo by'amakimbirane 34 babonye byari byiganjemo iby'abashakanye batandukana bagatererana abana cyangwa umwe muri bo agakoresha nabi umutungo, agaragaza ko bagiye gukomeza gahunda yo kwigisha abaturage amategeko binyuze mu nteko z'abaturage.

Ibikorwa bya gahunda y'u Rwego rw'Igihugu rw'Umuvunyi yo gukumira no kurwanya akarengane mu Karere ka Rutsiro, yatangiriye mu Murenge wa Murunda ariko ikaba ikomereza no mu yindi Mirenge.

# Rutsiro: Abantu 10 bafatiwe mu bucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abantu 10 bakoreraga ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe mu mugezi wa Satinsyi no mu mirima y’abaturage iri mu Mudugudu wa Rurambo, Akagari ka Remera, Umurenge wa Rusebeya, Akarere ka Rutsiro, batawe muri yombi ku makuru yatanzwe n’abandi baturage bababonye bitwikira ijoro bajyayo.***



Aba ni abafatiwe mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe

Uwahaye aya makuru Imvaho Nshya, yavuze ko muri uyu Murenge hasanzwe ikibazo cy’abacukura ayo mabuye y’agaciro bitemewe, bamwe ibirombe bikabagwaho bakahasiga ubuzima. Mu nama zinyuranye bagiye bakoreshwa n’ubuyobozi, abaturage basabwe gutanga amakuru yatuma ubu bucukuzi butemewe buhagarara.

Ati: “Kubera ko ababwishoramo baba bameze nk’abiyahura, nta bwishingizi bwababgoboka mu bibazo bahura na byo, bitwikira ijoro bakajya mu migezi cyangwa imirima y’abaturage, bagacukurana ubwoba no kwikanga ko bafatwa, bakaba bahahurira n’ingorane nyinshi zakwangiza ubuzima bwabo.

Arakomeza agira ati: “Ni muri urwo rwego, ku makuru yatanzwe n’abaturage babonye bariya 10 bajyamo, hakozwe umukwabu wo kubafata. Bafatanywe ibitiyo 10, ingofero 8, ipiki imwe, agafuni kamwe, agaferabeto kamwe n’ibindi bikoresho bakoreshaga, bashyikirizwa ubuyobozi.”

Mugenzi we na we uvuga ko ubu bucukuzi butemewe bugira ingaruka zikomeye ku bidukikije yagize ati: “Aho bacukura bitemewe, kuko baba bazi ko bari mu makosa hari n’ababacunze, bashobora gufatwa, babikora mu buryo bwangiza ibidukikije, tukagira impungenge ko nk’iyo migezi bacukuramo cyangwa bogerezamo amabuye bacukuye, dushobora kuzabyuka dusanga yakamye kuko bayangiza cyane, ari yo mpamvu ubufatanye mu kubahashya ari ngombwa.”

Umuyobozi w’Akarere ka Rutsiro wungirije ushinzwe iterambere ry’ubukungu, Uwizeyimana Emmanuel, avuga ko bakora ibishoboka byose ngo bace ubu bucukuzi butemewe ariko hakiri urugendo rurerure ngo abaturage babyumve.

Ati: “Dufite ikibazo gikomeye cyane, cy’abaturage bacu bakora ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe. Twafashe umwanya munini abaturage turabigisha, tubabwira ibibi byo kwishora muri ubu bucukuzi butemewe n’ingamba zihari, zirimo kubahana ariko turacyafata benshi.”

Arakomeza ati: “Nyuma rero yo kubona ko hari abitwikira amajoro cyangwa ikindi gihe abantu batababona bakabujyamo, twafashe ingamba zo gukusanya amakuru mu baturage bose, mu Mirenge igaragaramo ubwo bucukuzi butemewe ya Rusebeya, Manihira, Kivumu, Mukura na Murunda, ngo bajye bafatwa.”

Nk’ubuyobozi basaba abaturage kuzibukira ubu bucukuzi kuko ingaruka zishobora kubageraho ari nyinshi.

Ati: “Dusaba abaturage ko niba hari nk’ahabonetse ayo mabuye, haba mu mirima yabo cyangwa ahandi bayabonye, kubitubwira tukabahuza n’ibigo biyacukura byemewe, bikabaha akazi, agacukurwa neza mu buryo butangiza ibidukikije, banafite ubwishingizi, kuko hari aho byakozwe neza nko mu Murenge wa Mukura byanafashije abaturage baho gutera imbere.”

Uwizeyimana avuga ko ubuyobozi burimo gukorana n’inzego z’umutekano ubu ari ukumenya abihishe inyuma y’ubu bucukuzi bw’amabuye y’agaciro butemewe, bayagurira ababukora, kuko abafashwe batabavuga, kandi batabujyamo batari buyagurishe. Abayagura nibamara kumenyekana na bo bazafatwa babiryozwe, bunagabanyuke.

Amabuye y’agaciro aboneka mu Karere ka Rutsiro ni Gasegereti, coltan,belire na wolfram.

## Musanze: Abashinzwe kurinda ikiyaga cya Ruhondo bahindutse ba rushimusi b’amafi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu baturage baturiye ikiyaga cya Ruhondo mu Murenge wa Gashaki, Akarere ka Musanze, batangaza ko batishimiye uko abashinzwe kurinda ikiyaga bishora mu bikorwa by’ubushimusi, bigatuma amafi adashobora gukura no kwiyongera nk’uko byari byitezwe.***

Bavuga ko nyuma y’uko ikiyaga cya Ruhondo gifungwa kugira ngo amafi akomeze gukura, abashinzwe kugikurikirana bahindutse abashimuta amafi, bikaba byarateje ikibazo gikomeye ku mibereho y’abaturage bo mu kirwa cya Ruhondo.

Bamwe mu baturage bavuga ko abashinzwe gufata ibyemezo ku kiyaga, bo babaye ba Rushimusi. Nzirwanaho Jean de Dieu, (yahinduriwe amazina) umwe mu baturage baturiye ikiyaga, yavuze ko imikorere mibi y’abashinzwe gukurikirana ikiyaga igira ingaruka ku bikorwa by’uburobyi.

Yagize ati: “Biratubabaza kubona abashinzwe kurinda ikiyaga bagiye bagira imyitwarire itari myiza, aho gusigasira amafi, ahubwo bakayashyira mu kaga, bafatanyije n’abitwikira ijoro bashyiramo imitego itemewe ngo bakurikiye amafaranga bahabwa na ba rushimusi.”

KOMEZA KU RUP.21







Ikiyaga cya Ruhondo kuri ubu kirakomye

## Musanze: Abashinzwe kurinda ikiyaga cya Ruhondo bahindutse ba rushimusi b’amafi

IBIKURIKIRA URUP.20

Abaturage bo mu kirwa cya Ruhondo bemeza ko imibereho mibi ikomeje kuba imbogamizi ku buzima bwabo, bigatuma bamwe bishora mu bikorwa by’ubushimusi. Umwe mu baturage baturiye ikiyaga cya Ruhondo yavuze ko imibereho yabo iri mu kaga kubera ko nta kazi kaboneka, bigatuma bishora mu bikorwa by’uburobyi butemewe kugira ngo babone ibyo kurya.

Umwe mu baturage bo mu Mudugudu wa Birwa yagize ati: “Imibereho yacu ntabwo yoroshye. Benshi muri twe twahuye n’imbogamizi zo kuba twakwimurwa kuri iki kirwa, abandi babura amahirwe yo kubona akazi, ku buryo twiyemeza gukora ibishoboka byose kugira ngo tubashe kubona amafunguro harimo no gushimuta amafi.”

Nyuma y’uko ikibazo cy’ubushimusi kivuzwe na bamwe mu baturage, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Gashaki, Nsengimana Aimable, yavuze ko ubuyobozi bugiye gufata ingamba zikomeye mu kugikemura.

Yagize ati: “Iki kibazo ntabwo twari tukizi, ku rwego rw’ubuyobozi, ariko twiteguye gufatanya n’Inzego z’ibanze no kuganira n’abaturage kugira ngo dushake umuti wacyo, dufite gahunda yo gukurikirana abakoze ibi bikorwa bitemewe kugira ngo hakorwe ibishoboka byose, harimo no kubaganiriza.”

Itegeko N° 58/2008 ryo ku wa 10 Nzeri 2008mu mategeko agenga imikoreshereze y’amafi n’uburobyi mu Rwanda. Mu ngingo yaryo ya 30, rivuga ko umuntu wese ukora ibikorwa by’uburobyi atabifitiye uburenganzira bwemewe n’amategeko ahanishwa, amande y’amafaranga hagati ya 50,000 Frw na 200,000 Frw, igifungo cy’imyaka itatu kugeza kuri itandatu cyangwa kimwe muri ibyo bihano. Hiyongereyeho no gufatira ibikoresho byakoreshejwe mu bikorwa by’uburobyi butemewe.

# Kayonza: Barinubira kugemura amata kubishyura bigatinda

**HITIMANA Servand**

***Aborozi bo mu Murenge Mulundi mu karere Ka Kayonza bavuga ko babangamiwe no kuba bagemura amata ku ikusanyirizo rya Buhabwa bagatinda kwishyurwa bikabadindiza mu gukomeza ubucuruzi bwabo n’imibereho ikarushaho kugorana.***

Aba borozi bavuga ko ubusanzwe bagemuraga amata ku ikusanyirizo ricungwa na kwoperative yabo bakishyura vuba, byaba bikabije ntibirenze iminsi 15.

Kuri ubu ariko ngo bafite ikibazo gikomeye cyo kuba bagemura amata bagatinda kwishyurwa aho hari n’abamara ukwezi batarabona amafaranga.

Munyarugerero Emmanuel agira ati: “Urazana amata ugategereza kwishyurwa wapi. Tuza kuri koperative kuko arimo amafaranga y’aborozi anyuzwa bakatubwira ko n’abo batarayohererezwa n’abatwaye umukamo.”

John Bashana na we yongeraho ko kutishyurirwa ku gihe bigira ingaruka mu buzima bwabo bwa buri munsi kuko bibicira igenamigambi.

Ati: “Uyu munsi twavuguruye ubworozi aho turwana no korora bya kinyamwuga. Bisaba gushora kugira ngo ugire nawe icyo winjiza. Iyo rero utishyuwe ntubona uko ugaburira amatungo, kuzabonera imiti n’ibindi. Ibi bigira ingaruka ku kugabanyuka k’umukamo, ikindi bica intege umworozi.”

Akomeza agira ati: “Uretse kubangamira ubworozi bwacu, kutishyurwa ku gihe bisubiza inyuma ibyo tuba twarapanze gukora. Biradukenesha, ukaba wabura ibikenerwa bya buri munsi bituma umuryango wawe ubaho uko wabyifuzaga. Tekereza kuba ugemura litiro 50 ku munsi umwana wawe akaba yakwirukanwa ku ishuri kuko igihe wateganyaga kumwishyurira utahawe amafaranga yawe.”

Ku rundi ruhande, aborozi kutishyurirwa ku gihe bituma hari abasubiye ku ngeso yo kugurisha amata atanyujijwe ku ikusanyirizo agahabwa abitwa abamamyi bayatwara mu majerekani agacuruzwa mu buryo butemewe.

Emmanuel Munyarugerero yagize ati: “Gutanga litiro 50 bakubarira 400 kuri litiro ariko utazi igihe uzishyurirwa uhitamo kubaha litiro 30, 20 zigatwarwa n’umumamyi ukwishyura kuri 300 ariko akayagusigira. Ni ikibazo n’ubundi kiraterwa n’abafite isoko ryo kutugurira amata bica amasezerano yo kutwishyura.”

Umuyobozi w’Akarere ka Kayonza Nyemazi John Bosco, ahumuriza aba borozi ahamya ko bavuganye n’abo bagemurira umukamo icyo kibazo kikaba kigiye gukemuka.

Ati: “Ni byo iki kibazo cy’aborozi batinda kwishyurwa twarakimenye. Twavuganye n’uruganda rubagurira umukamo batubwira ko byaturutse ku kibazo na bo bari bafite muri iyi minsi ariko ko biri mu nzira yo gukemuka aborozi bakongera kwishyurwa neza ku gihe. Turabikurikiranira hafi rero ku buryo tubizeza ko mu minsi ya vuba bisubira mu buryo, ikindi kandi ni uko n’amafaranga yabo yatinze na yo barayishyurwa ntabwo azimira.”

Aborozi bagemura ku ikusanyirizo rya Buhabwa babona umukamo ungana na litiro ibihumbi 7 ku munsi aho mu bihe by’imvura ushobora no kugera kuri litiro ibihumbi 10.



Aborozi barinubira kugemura amata ntibishyurwe ku gihe



Imiryango yabanaga itarasezeranye mu byishimo byinshi byo guhamiriza urukundo imbere y'amategeko

# Muhanga: Imiryango 100 yasezeranye mu mategeko abayigize bisubiza agaciro

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Bamwe mu bagize imiryango 100 yabanaga itarasezeranye kuri ubu yamaze gusezerana imbere y'amategeko yo mu Murenge wa Kibangu mu Karere ka Muhanga, bagaragaje uburyo bagize agaciro mu miryango yabo aho bafatwaga nk'indaya bakitwa n'andi mazina menshi.***

Umwe muri abo basezeranye avuga ko kuba yabanaga n'umugabo we batarasezeranye, atagiraga ijambo kwa sebukwe.

Ati: "Jyewe kuba nabana n'umugabo tumaranye imyaka irenga itanu, nafatwaga no kwa databukwe nk'indaya kuko wasangaga njya guhinga mu mirima yacu bakambwira ngo ubundi ko utari umukazana wacu urashaka iki mu mirima y'umuhungu wacu?"

Yagaragaje ko yishimira kuba yasezeranye kuko atazongera gufatwa nk'aho ntacyo avuze mu Muryango, kandi bizamufasha kurushaho kuzuzanya n'uwo bashakanye bakarera abana babo na bo bafite ijambo ku babyeyi bombi.

Mugenzi we avuga ko kubaho atarasezeranye byamuteye kubaho ari igicibwa kandi agahora yikanga ko bazamwirukana mu muryango.

Ati: "Nitwaga indaya kandi mfite umugabo, ariko kubera ko yakoreraga i Kigali aza rimwe na rimwe wasangaga bambwira ngo ndamara iki mu rugo ko ntari umugore w'isezerano. Muri make ndashimira umugabo wanjye ko yampesheje agaciro ndetse nkanashimira Imana yatumye tugera uyu munsi aho abana banjye batazongera kubaho batanditse ku babyeyi babo bombi."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Muhanga ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bizimana Eric, avuga ko gusezeranya imiryango yabanaga itarasezeranye, biha abana umutekano ndetse bikanarinda amakimbirane yo mu miryango.

Ati: "Gusezeranya imiryango yabanaga itarasezeranye, navuga ko biyifasha gukorera hamwe kwirinda amakimbirane ndetse n'abana bakabaho bafite umutekano bakesha kwandikwa ku babyeyi babo bose."

Umuyobozi bw'Umurenge wa Kibangu uvuga ko imyinshi mu miryango yasezeranye yabanje kwigishwa kugira ngo ibashe gusezerana imbere y'amategeko bityo biyifashe kuva no mu makimbirane yabagamo ashingiye ku kuba abayigize batarasezeranye.

# Kayonza: Ubworozi bw'amafi bwababafashije kurwanya imirire mibi

**HITIMANA Servand**

*Abaturage bo mu Kagari ka Cyarubare, Umurenge wa Kabare, mu Karere ka Kayonza bishimira ibyiza bakesha umushinga w'ubworozi bw'amafi wa Gishanda watumye babona hafi amafi yo kurya bikababera igisubizo ku kibazo cy'imirire mibi.*

Abatuye muri aka gace bavuga ko bakiranye na yombi uyu mushinga utuma babona aho bagurira ifi zo kurya.

Ni umushinga umaze imyaka itatu utangiye ubworozi bw'amafi aho muri gahunda zawo harimo gufasha abatuye aho ukorera kugerwaho n'amafi ku giciro gito.

Bamwe mu baturage ba Cyarubare baganiriye na Imvaho Nshya bavuga ko kubona amafi byababafashije kunoza imirire.

Uwayisenga Julienne agira ati: "Kubona amafi hafi byaradufashije. Amafi ni amafunguro afasha mu kurwanya imirire mibi. Ibi binagaragarira ku kuba ubu nta bana bakiri mu mirire mibi, mu gihe wasangaga nko mu Mudugudu wacu harimo nk'abana batanu bafite ikibazo, kuko njye ndi Umujyanama w'ubuzima mba mbibona."

Kaberuka Emmanuel na we agira ati: "Njyewe nishimiye ko ntagihangayika njya gushaka inyama. Murabizi ko inyama zahenze cyane. Twe rero hano mu gihe abaturutse ahandi baje kugura amafi bagura ku kilo ibihumbi 4, twe baduhera kuri 2000, turazirya rero kandi ukabona ko zitwunganira mu mirire kuko dufata amafunguro yuzuye."

Nyirandayambaje Eline ushinzwe ituragiro rya Gishanda (Fish farming) avuga ko uyu mushinga waje hagamijwe gufasha abaturage gukomeza kubona amafi, cyane ko hari abari basanzwe bajya kuyashimuta muri Pariki y'Akagera.

Ati: "Nyuma yuko Pariki y'Akagera izitiwe, twasanze hari abaturage babonaga amafi ariko mu buryo butari bwiza aho bayashimutaga mu biyaga biri muri pariki. Twasanze aha hari amazi yakororerwamo amafi mu buryo bugezweho, kugeza ubu tukaba turi ku rwego rwiza nubwo tutarahaza abayakeneye bose kuko hari abaza kuyarangura bajya kuyacururiza kure."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza buvuga ko uyu mushinga watanze ibisubizo ariko kandi banakomeje gushaka abandi bashoramari bafatanya mu guteza imbere ubu bworozi.

Nyemazi John Bosco uyobora Kayonza agira ati: "Uyu mushinga wa Gishanda watweretse ko twakoresha ahantu hato, amazi make tukorora amafi akenewe.Twiteguye gukorana n'undi wese wumva yashora imari muri ubu bworozi ku buryo bidufashiriza abaturage yaba mu kwihaza ku mafunguro yuzuye, ndetse no kwiteza Imbere kuko bitanga akazi n'amafaranga."

Uyu mushinga watangiye mu 2022 harimo uruhare rw'abikorera, Guverinoma y'u Rwanda ibinyujije RAB, Pariki y'Akagera n'abandi. Kuri ubu ufite ubushobozi bwo gutanga toni 30 z'amafi ku mwaka.



Hashyizweho uburyo bw'ikoranabuhanga mu guturagisha abana b'amafi






## ITANGAZO RY'ISOKO

### Avis de Préqualification

**Avis de préqualification**

**Portant recrutement d'un Consultant pour le Reforme Institutionnel (CRI) ;**

**Les Candidatures doivent être soumises pas plus tard que Jeudi le 24 Juillet 2025, 3: 00 pm UTC, soit 5:00 pm, heure de BUJUMBURA.**

**Secteur de l'énergie**

**Pays:** Communauté Economique des Pays des Grands Lacs (CEPGL), Burundi / RD Congo/ Rwanda

Numéro de projet : BMZ 2016 68 912
Numéro de passation des marchés : 511652

| | |
|---|---|
| **Maitre d'Ouvrage** | Monsieur le Directeur Générale de la SINELAC, courriel: info@sinelac.org<br>N° 1, Avenue Vamaro, Place Nyawera, Ibanda, Bukavu, République Démocratique du Congo |
| **Maitre d'Ouvrage délégué** | Monsieur le Directeur Générale de l'EGL, courriel : **egl.dg.sec@gmail.com; charles_mbegas@hotmail.com,49,** Boulevard de l'UPRONA, Rohero II, Bujumbura – République du Burundi |
| **Titre du Projet** | Préqualification pour le recrutement d'un Consultant pour le Reforme Institutionnel (CRI) visant une Assistance technique à la mise en œuvre du plan de redressement de la SINELAC |
| **Services attendus** | Avec le soutien des Etats membres de la CEPGL et un financement de la KfW, SINELAC met en œuvre une stratégie de redressement qui repose sur les aspects suivants :<br>➢ Amélioration la gouvernance, l'organisation et les procédures de la SINELAC ;<br>➢ Amélioration de la performance technique, commerciale et financière de la SINELAC<br>➢ Renforcement des compétences du personnel de la SINELAC.<br><br>Le Recrutement d'un Consultant pour le Reforme Institutionnel (CRI) vise une Assistance technique à la mise en œuvre du plan de redressement de la SINELAC et préconise la mise en œuvre des aspects brièvement cités ci-dessus.<br><br>La durée de l'Assistance technique sera dans l'ordre de 36 mois, concordant avec la Réhabilitation de la Centrale Hydroélectrique Ruzizi II. |
| **Standard applicable** | Conditions applicables pour participer à l'Acte de Candidature<br><br>Le processus de préqualification est régi par les directives d'approvisionnement de la KfW, comme indiqué : |
| | Directives pour la Passation des Marchés de Prestations de Conseils, Travaux de Génie Civil, Installations, Fournitures et Services Divers dans la Coopération Financière avec des Pays Partenaires, Version du document janvier 2019<br>3ème modification en juillet 2024<br>https://www.kfw-entwicklungsbank.de/PDF/Download-Center/PDF-Dokumente-Richtlinien/Cons-SPQ-Jan2019-FR-V2.docx |
| **Adresse à laquelle les Documents de Passation de Marchés complets peuvent être obtenus.** | La demande de candidature sera disponible à partir du 1**0 Juin 2025** et peut être demandée, sans frais, auprès de l'Agent de soumission.<br>Toute clarification concernant cette demande doit être envoyée à l'adresse de l'Agent de Soumission.<br>ID e-mail : Walter_Klotz@hotmail.com et en parallèle à :<br><br>Monsieur le Directeur Générale de l'EGL, courriel :<br>49, Boulevard de l'UPRONA, Rohero II, Bujumbura – République du Burundi. ID e-mail**:ruzizi2Prequal.ECRI25@egl-cepgl.org avec copie à egl.dg.sec@gmail.com; charles_mbegas@hotmail.com**<br><br>Monsieur le Directeur Générale de la SINELAC, courriel :<br>N° 1, Avenue Vamaro, Place Nyawera, Ibanda, Bukavu, République Démocratique du Congo, ID e-mail : info@sinelac.org |
| **Précision de Soumission** | La Candidature est considérée comme soumise lorsque les fichiers de la Candidature sont téléchargés sur le système électronique de passation de marchés exfitender. Exfitender est accessible via le site Internet https://www.exfitender.de . |

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU Ref **N° O25-079562** CYO KU WA **30/04/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKARUREMA SHADIA** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BWUBATSEMO INZU UFITE **UPI: 5/02/04/03/395** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO , AKAGARI KA KANYEGANYEGE, UMURENGE WA KATABAGEMU AKARERE KA NYAGATARE, INTARA Y'IBURASIRAZUBA .UFITE UBUSO BUNGANA NA **12,408 M²** UWO MUTUNGO UKABA UFITE AGACIRO K'AMAFARANGA Y'URWANDA **14,900,000FRW**

**CYAMUNARA KUNSHURO YA KABIRI IZATANGIRA KUWA 12/06/2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) KUGEZA KUWA 19/06/2024 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) KURI IYI NSHURO NIHATABONEKA UMUGUZI CYAMUNARA KUNSHURO YAGATATU IPIGANWA RIZAKOMEZA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA,KU WA 21/06/2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H ) RIRANGIRE KUWA 28 /06/ 2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H )**

ABIFUZA GUPIGANWA MURI IYI CYAMUNARA BAGOMBA KWIYANDIKISHA KURUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO **www.cyamunara.gov.rw** KANDI BAKWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** BY'AGACIRO KOSE K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU INGANA N'AMAFARANGA Y'U RWANDA **745,000 FRW YISHYURWA UNYUZE KURUBUGA RWA CYAMUNARA** www.cyamunara.gov.rw

GUSURA INGWATE IGURISHWA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO ZA TELEFONE IGENDANWA **0788629940**

IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA ARIRWO **www.cyamunara.gov.rw**

UZEGUKANA UWO UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **N° 102043823150001** IRI MURI VISION FUND RWANDA LTD YANDITSE KU MAZINA YA **MUKARUREMA Shadia.**

**BIKOREWE I KIGALI KU WA 11/06/2025**

**Me MUKARUREMA Shadia**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

USHINZWE KUGURISHA INGWATE MUKARUREMA Shadia Tel: 0788629940 APPOINTED RECEIVER

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU Ref **N° O25-079576** CYO KU WA **30/04/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKARUREMA SHADIA** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BWUBATSEMO INZU UFITE **UPI: 5/02/13/05/1628** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA RWIMIYAGA II , AKAGARI KA NYARUPFUBIRE , UMURENGE WA RWIMIYAGA AKARERE KA NYAGATARE, INTARA Y'IBURASIRAZUBA .UFITE UBUSO BUNGANA NA **576 M²** UWO MUTUNGO UKABA UFITE AGACIRO K'AMAFARANGA Y'URWANDA **12,000,000FRW**

**CYAMUNARA KUNSHURO YA KABIRI IZATANGIRA KUWA 12/06/2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H) KUGEZA KUWA 19/06/2024 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H) KURI IYI NSHURO NIHATABONEKA UMUGUZI CYAMUNARA KUNSHURO YAGATATU IPIGANWA RIZAKOMEZA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA,KU WA 21/06/2025 SAA TANU (11H) ZA MUGITONDO RIRANGIRE KUWA 28 /06/ 2025 SAA TANU ZA MUGITONDO (11H)**

ABIFUZA GUPIGANWA MURI IYI CYAMUNARA BAGOMBA KWIYANDIKISHA KURUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO **www.cyamunara.gov.rw** KANDI BAKWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** BY'AGACIRO KOSE K'UMUTUNGO WAVUZWE HARUGURU INGANA N'AMAFARANGA Y'U RWANDA **600,000 FRW YISHYURWA UNYUZE KURUBUGA RWA CYAMUNARA** www.cyamunara.gov.rw

GUSURA INGWATE IGURISHWA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO ZA TELEFONE IGENDANWA **0788629940**

IFOTO N'IGENAGACIRO BYAWO BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA ARIRWO **www.cyamunara.gov.rw**

UZEGUKANA UWO UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI **N° 102043823150001** IRI MURI VISION FUND RWANDA LTD YANDITSE KU MAZINA YA **MUKARUREMA Shadia.**

**BIKOREWE I KIGALI KU WA 11/06/2025**

**Me MUKARUREMA Shadia**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

# Dore impamvu Murekatete yahisemo gukorana igisigo na Dr Nsabi

**Muteterazina Shifah**

***Umusizi Murekatete Claudine, uherutse gukorana igisigo yise 'Arubatse' n'umunyarwenya akaba n'umukinnyi wa filime Dr. Nsabi, yatangaje impamvu yahisemo gukorana na we kandi adasanzwe amenyerewe mu busizi.***

Murekatete avuga ko impamvu yahisemo gukorana igisigo na Dr. Nsabi ubusanzwe witwa Nsabimana Eric, yashingiye ku buhanga akorana filime.

Ati: "Impamvu namuhisemo ni uko ari umuhanzi w'umuhanga mu rwenya na filime, ukunzwe kandi ubikorana ubuhanga. Ni yo mpamvu nahisemo gukorana na we kuko nabonaga ubwo buhanga yabukoresha mu gutanga umusanzu mu busizi."

Uyu musizi avuga ko yatunguwe n'ubuhanga mu busizi yabonanye Dr. Nsabi.

Ati: "Natunguwe n'uko nta jambo na rimwe yigeze ambaza ngo ibi ngibi babisoma bate, babivuga bate, ahantu hose yarisangaga wagira ngo asanzwe ari umusizi. Byarantunguye cyane."

Ubuhanga Dr. Nsabi yagaragarije Murekatete bwatumye amufata nk'umusizi w'umuhanga ashingiye ku gisigo bakoranye.

Ati: "Namusobanura nk'umusizi w'igitangaza uzi gutwara ibintu mu njyana ya gisizi, akabihuza na rwa rwenya rwe bikarushaho kuryoha."

Murekatete asanga Dr.Nsabi ari umuhanzi utazirikirwa mu gice kimwe kuko hari izindi mpano yibitseho kandi afitemo ubuhanga.

Igisigo 'Arubatse' cyamaze gukorerwa amajwi kikaba kiri ku mbuga zose zicururizwaho umuziki, zirimo Audio Mark, Spotify, Boomplay n'izindi.

Umusizi Murekatete avuga ko mu buryo bw'amashusho kizaba cyageze kuri youtube vuba.

Ni igisigo akoze nyuma y'icyo yise 'Mukiriho' yashyize ahagaragara tariki 6 Mata 2025, gikubiyemo ubutumwa bwo gukomeza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakaburana n'ababo kikabafasha kubibuka.



Murekatete avuga ko abona Nsabi akora ubusizi nk'ubusanzwemo



Fatakumavuta yakatiwe gufungwa imyaka ibiri n'amezi atandatu

# Fatakumavuta yakatiwe igifungo cy'imyaka ibiri n'amezi atandatu

**MUTETERAZINA Shifah**

***Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwakatiye Sengabo Jean Bosco uzwi nka Fatakumavuta igifungo cy'imyaka ibiri n'amezi atandatu n'ihazabu ya 1 300 000 Frw.***

Ni imyanzuro y'urukiko yasomwe ku wa Gatanu tariki 13 Kamena 2025 y'urubanza rwaburanishijwe tariki 15 Gicurasi 2025, rwarangiye Fatakumavuta ahakana ibyaha yaregwaga byose.

Urukiko rwatangaje ko rwasanze Fatakumavuta ahamwa n'icyaha cyo gukangisha gusebanya kimuhama ruvuga ko hashingiwe ku magambo yagiye avuga ari mu bikigize kikaba gihanishwa igifungo cy'umwaka umwe n'ihazabu ya 300 000 Frw.

Kubijyanye n'icyaha cyo gutangaza makuru y'ibihuha, rwasanze ibikorwa n'imvugo bya Fatakumavuta bijyanye n'itegeko rihana icyo cyaha gihanishwa igifungo cy'imyaka itatu n'ihazabu ya 1 000 000 Frw.

Urukiko rwasanze kuba mu mubiri wa Fatakumavuta harasanzwe igipimo kirenze igiteganyijwe, bimuhamya icyaha cyo gukoresha ibiyobyabwenge gihanishwa igifungo cy'umwaka umwe, ruvuga ko ibijyanye n'uko yakongera gupimwa nta shingiro bifite kuko atagaragaza impamvu cyangwa ikimenyetso kivuguruza raporo y'abahanga yatanzwe n'Ubushinjacyaha.

Urukiko rwasobanuye ko kubera impamvu nyoroshyacyaha, Fatakumavuta yakatiwe igihano cy'imyaka ibiri n'amezi atandatu n'ihazabu ya 1 300 000 Frw, rumumenyesha ko yemerewe kujuririra iki cyemezo mu minsi itarenga 30 kuva iki cyemezo gifashwe.

Fatakumavuta yatawe muri yombi tariki ya 18 Ukwakira 2024, ubu akaba afungiwe mu Igororero rya Nyarugenge.





# BAL 2025: APR BBC yegukanye umwanya wa gatatu ku nshuro ya mbere

**SHEMA Ivan**

***APR BBC yari ihagarariye u Rwanda mu mikino ya nyuma y'Irushanwa rya Basketball Africa League (BAL 2025) yegukanye umwanya wa gatatu nyuma yo gutsinda Al Ittihad yo Misiri amanota 123-90.***

Uyu mukino wo guhatanira umwanya wa gatatu wabaye kuri uyu wa Gatanu tariki ya 13 Kamena 2025, muri SunBet Arena mu Mujyi Pretoria muri Afurika y'Epfo.

APR BBC yakinnye uyu mukino Umunyasudani y'Epfo, Nuni Omot yari yagize ikibazo cy'imvune.

Ikipe y'ingabo yatangiranye imbaraga nyinshi abarimo Chasson Randle, Ntore Habimana, Noel Obbadiah na Axel Mpoyo batsinda amanota yiganjemo atatu menshi.

Ku rundi ruhande Al Ittihad yatsindaga amanota binyuze muri Youssef Said Shehata Ahmed Ally Mohamed.

Aka gace kagana ku musozo, Noel Obbadiah yagize imvune yatumye atongera gukina.

Agace ka mbere karangiye APR BBC yatsinze Al Ittihad amanota 38 Kuri 19.

Yakomeje kongera ikinyuranyo mu gace ka kabiri, biyunze muri Axel Mpoyo watsinze amanota atatu inshuro enye zikurikirana, yakorerwaga mu ngata na bagenzi be nka Alioun Diarra na Robbeyns Williams.

Al Ittihad yarushwaga cyane yanyugazamo igatsinda amanota binyuze mu bakinnyi nka Majok Deng, Taha Mohamed na Ibrahim Abdelrahman.

Igice cya mbere cyarangiye APR BBC yatsinze Al amanota 74-34.

Iyi kipe yo mu Misiri yagurakanye imbaraga mu gace ka gatatu itangira kugabanya ikinyuranyo barimo Majok Deng na Youssef Said Shehata batsindaga amanota.

APR BBC nayo yakomeje gutsinda biyunze muri Robbeyns Williams na Ntore Habimana na Nshobozwabyosenumukiza Jean Jacques Wilson na Axel Mpoyo wagize umukino mwiza.

Aka gace karangiye APR BBC ikomeje kuyobora n'amanota 91 kuri 56 ya Al Ittihad.

Mu gace ka nyuma, APR BBC yakomeje kugendera muri uwo mujyo ibifashijwemo na Uwitonze Justine na Axel Mpoyo batsindaga amanota atatu.

Rivers Hoopers yagerageje kugabanya ikinyuranyo ariko ubwugarizi bwa APR BBC bukomeza guhagarara neza.


Umukino warangiye APR BBC yatsinze Al Ittihad yo Misiri amanota 123-90, yegukana umwanya wa gatatu ku nshuro ya mbere mu mateka.

Iyi kipe y'ingabo z'Igihugu yabaye iya mbere yo mu Rwanda no mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba isoreje ku mwanya wa gatatu kuva iri rushanwa ryatangira mu 2021.

APR BBC kandi yanditse amateka muri BAL yo kuba Ikipe ya mbere itsinze amanota menshi mu mukino umwe agahigo kari gafitwe na Al Ahli Tripoli yo muri Libya.

Axel Mpoyo wa APR BBC yabaye umukinnyi wa mbere mu mateka ya BAL watsinze amanota atatu ishuro 10 mu mukino umwe.


Umukino wa nyuma uzahuza Petro de Luanda na Al Ahli Tripoli, kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 14 Kamena 2025.



Alex Mpoyo agerageza gutsinda amanota atatu



Abakinnyi ba APR BBC bishimiye kwegukana umwanya wa 3



Ibyishimo byari byinshi ku bakunzi ba APR BBC

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-17 TARIKI 10 - 16 KAMENA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Kigali, Musanze na Gicumbi bihariye ibihembo by'Umurenge Kagame Cup 2025

**SHEMA Ivan**

***Amakipe yo mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Musanze na Gicumbi yihariye ibihembo mu Umurenge Kagame Cup 2025. Iyi mikino yasojwe ku Cyumweru, tariki 15 Kamena 2025 mu Karere ka Musanze.***

Akarere ka Musanze kahize utundi muri Basketball, aho mu bagabo yatsinze Rutsiro amanota 78-71 mu bagore igatsinda iya Kamonyi amanota 53-48.

Muri Volleyball y'abagore, Gicumbi yegukanye igikombe itsinze Ngoma amaseti 3-2 (22-25, 25-15, 25-22, 24-26, 15-11) mu gihe mu bagabo cyegukanywe na Kicukiro itsinze Ngoma amaseti 3-1 (25-23, 16-25, 25-17, 27-25).

Mu gusiganwa ku magare mu bagabo, Mufiteyesu Emmanuel ukomoka i Gicumbi yongeye kuba uwa mbere nkuko yabikoze umwaka ushize, Ntacogora Emmanuel ukomoka i Musanze aba uwa kabiri n'aho Mugisha Gad ukomoka i Gicumbi aba uwa gatatu.

Mu bagore, Mukarugwiza Marie Solange ukomoka ku Kamonyi yabaye uwa mbere, Mutuyimana Francine ukomoka i Musanze aba uwa kabiri, mu gihe Mukabikorimana w'i Kirehe yabaye uwa gatatu.

Mu kurushanwa mu gisoro cyangwa kubuguza mu bagabo hatsinze Masengesho Jean Claude ukomoka mu Karere ka Kamonyi mu gihe mu bagore hatsinze Mukundente Diane ukomoka mu Karere ka Gicumbi.



**Umurenge wa Mahembe wo muri Nyamasheke wegukanye igikombe muri ruhago y'abagore**

Mu mikino yo gusimbuka urukiramende, Umujyi wa Kigali wihariye umwanya wa mbere aho mu bagabo wegukanywe na Masengo Djibril, mu bagore wegukanwa na Uwamaliya Sorange.

Gusiganwa ku maguru, Umujyi wa Kigali wongeye kwiharira umwanya wa mbere mu byiciro byombi, mu bagabo bakoze metero ibihumbi 15 hatsinze Ntivugiruzwa Ismael ni we wabaye uwa mbere mu gihe mu bagore metero ibihumbi 10 hatsinze Niyonshima Zakiy.

Muri Sitball y'abagabo, Ikipe y'Akarere ka Kirehe yatwaye igikombe itsinze iya Musanze amanota 13-11 mu minota y'inyongera nyuma yo gusoza iminota isanzwe y'umukino banganya amanota 32-32.

Mu bagore, igikombe cyegukanywe na Bugesera itsinze Kirehe amanota 37-20.

Mu mupira w'amaguru mu bagabo, Umurenge wa Jabana wo mu Karere ka Gasabo yatsinze Umurenge wa Mbazi wo mu Karere ka Huye ibitego 2-0.

Mu bagore, Umurenge wa Mahembe wo mu Karere ka Nyamasheke yatsinze Umurenge wa Kacyiru wo muri Gasabo igitego 1-0 yegukana igikombe.



**Abafana bari benshi kuri Stade Ubworoherane**



**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dr. Patrice Mugenzi atangiza umukino wa nyuma mu bagabo**

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Dr. Patrice Mugenzi, yatangaje ko bishimira iyi mikino ikomeje kwitabirwa n'abaturage benshi.

Yagize ati: "Turishimira ko Umurenge Kagame Cup usigaye witabirwa n'abantu benshi aho Imirenge yose 416 yitabiriye. Uyu munsi rero byagaragaye ko bashyigikiye iyi mikino kandi akaba ari umwanya mwiza wo gushyigikira gahunda nziza ya Perezida wa Repubulika yo kwimakaza imibereho myiza ishyira umuturage ku isonga."

Amarushanwa "Umurenge Kagame Cup" agamije kwimakaza imiyoborere myiza, gusabana no kuzamura impano, akinwa guhera ku rwego rw'Umurenge mu mikino irimo Umupira w'Amaguru, Basketball, Volleyball, amagare, kubuguza (Igisoro), gusiganwa ku maguru, gusimbuka urukiramende ndetse na Sitball.

Amarushanwa ya Umurenge Kagame Cup uyu mwaka afite insanganyamatsiko igira iti "Twimakaze Imiyoborere Myiza Duharanira ko Umuturage ahora ku Isonga".



**Umurenge wa Jabana wo muri Gasabo wegukanye igikombe muri Ruhago y'abagabo**